Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi

Nº. E-79 TARIKI 3 - 9 UGUSHYINGO 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw Ikiguzi 1000 Frw

AMAKURU
Perezida Kagame yaganiriye n'abayobozi batandukanye bitabiriye CHOGM 2026

4

MU NTARA
Ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi byinjirije u Rwanda miliyari 16,4 Frw mu minsi 5

12

AMAKURU
Umujyi wa Kigali wafunze inyubako 10 hagamijwe kwirinda inkongi z'umuriro

15

IMYIDAGADURO
Hateguwe umwiherero uzahuriza hamwe ibyamamarekazi bine

26



Amatora : Abagore n'abafite ubumuga biyemeje gushyira imbere uburenganzira bw'abo bahagarariye



Abatora bahawe impapuro zo gutoreraho

KAMALIZA Agnes

Ku wa Gatandatu, tariki ya 07 Ugushyingo 2026, Amatora y'Inzego z'ibanze yakomereje ku rwego rw'Umurenge, hatorwa abagize Biro z'Inama Njyanama n'abagize Komite z'Inama z'Igihugu z'abagore, urubyiruko n'abafite ubumuga.

Ni amatora akurikiye ayabereye ku rwego rw'Umudugudu tariki ya 24 Ukwakira no ku Kagari tariki ya 31 Ukwakira 2026.

Ni mu gihe ku rwego rw'Akarere Abajyanama rusange, bahatanira kujya mu Nama Njyanama y'Akarere na bo batangiye ibikorwa byo kwiyamamaza.

Abatorewe ku rwego rw'Umurenge wa Musha mu Karere ka Rwamagana, babwiye Imvaho Nshya ko bimwe mu byo bashyize imbere ari ugukorera ubuvugizi abo bahagarariye ndetse bakabafasha kumenya amahirwe ahari bakwiye kubyaza umusaruro.

Bagaragaje ko bazibanda ku gushaka ibisubizo by'ibibazo bisanzwe bibugarije kugira ngo barusheho kubaka imiryango yabo.

KOMEZA KU RUP.3

Abanyarwanda 2 batorewe kwinjira mu Rwego Mpuzamahanga rw'Abahanga mu Bumenyi

IMVAHO NSHYA

Abanyarwanda babiri, Prof. Eugénie Kayitesi na Prof. Léon Mutesa, batorewe kuba abanyamuryango b'Urwego Mpuzamahanga rw'Abahanga mu Bumenyi (The World Academy of Sciences – TWAS), kubera uruhare bagize mu guteza imbere ubushakashatsi n'ubumenyi mu nzego zitandukanye.

Aba bashakashatsi bari mu bahanga 87 baturutse mu bihugu bitandukanye ku Isi batowe ku wa 5 Ugushyingo 2026, nk'uko uru rwego rwabitangaje. Biteganyijwe ko bazatangira ku mugaragaro inshingano zabo nk'abanyamuryango baryo ku wa 1 Mutarama 2027.

Prof. Eugénie Kayitesi ni umuhanga mu bumenyi bw'ibiribwa n'imirire, akaba ari umwarimu muri Kaminuza ya Pretoria muri Afurika y'Epfo.

Ubushakashatsi bwe bwibanda ku gukoresha ibihingwa gakondo byo muri Afurika bititabwaho cyane, hagamijwe kubibyazamo ibiribwa bifite intungamubiri nyinshi, bityo bikagira

KOMEZA KU RUP.3

Perezida Kagame yaganiriye n'abayobozi batandukanye bitabiriye CHOGM 2026



Perezida Paul Kagame yaganiriye na Minisitiri w'Intebe wa Sri Lanka, Harini Amarasuriya

IMVAHO NSHYA

Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame yagiranye ibiganiro n'abayobozi baza Guverinoma z'Igihugu birimo Antigua and Barbuda, Bahamas na Sri Lanka.

Ni amakuru yatangajwe n'Ibiro by'Umukuru w'Igihugu, Village Urugwiro, binyuze mu itangazo bashyize hanze mu ijoro ryo ku wa 3 Ugushyingo 2026.

Rigira riti: "Ku munsi wa gatatu w'inama ya CHOGM2026, Perezida Paul Kagame yagiranye ibiganiro na Minisitiri w'Intebe wa Antigua and Barbuda, Gaston Browne wakiriye iyi nama, Philip Davis wa Bahamas na Harini Amarasuriya wa Sri Lanka.

Iri tangazo rikomeza rivuga ko Perezida Kagame yaganiriye kandi na Minisitiri w'Intebe wa St. Vincent and the Grenadines, Godwin Friday n'uwa Eswatini, Russell Mmiso Dlamini.

Ibirori by'Umukuru w'Igihugu kandi byatangaje ko Perezida Paul Kagame yitabiriye ibiganiro bya mbere byihariye by'Abakuru b'Ibihugu na za Guverinoma muri CHOGM 2026. Yari kumwe na Minisitiri w'Intebe wa Antigua and Barbuda, Gaston Browne n'abandi bayobozi bakuru muri Commonwealth.

Ibi biganiro byabereye mu muhezo, byibanze ku bibazo ibihugu bihuriyeho no gushyiraho umurongo w'ubufatanye.

Inama ya CHOGM y'umwaka ifite insanganyamatsiko igira iti: "Kwihutisha ubufatanye n'ishoramari bigamije kubaka Commonwealth iteye imbere."

Yahurije hamwe Abakuru b'Ibihugu na za Guverinoma 30. Yitabiriwe kandi n'abaminisitiri, abahagarariye abikorera, imiryango itari iya Leta n'urubyiruko.

Commonwealth igizwe n'ibihugu 56, birimo u Rwanda rwayinjiyemo mu 2009. U Rwanda rwakiriye CHOGM mu 2022, ubwo Perezida Kagame yahabwaga inshingano zo kuyobora uyu Muryango kugeza mu Ukwakira 2024.

Inama ya mbere ya CHOGM yabereye muri Singapore mu 1971, isimbura izahuzaga ba Minisitiri b'Intebe b'ibihugu byari bifitanye amateka n'u Bwongereza. Kuva icyo gihe, yagiye yakirwa n'ibihugu bitandukanye bigize uyu muryango.

> ***"Ibi biganiro byabereye mu muhezo, byibanze ku bibazo ibihugu bihuriyeho no gushyiraho umurongo w'ubufatanye."***

Jeannette Kagame mu bitabiriye ubukwe bw'umukobwa wa Perezida William Ruto



Madamu Jeannette Kagame mu bitabiriye ubukwe bw'umukobwa wa Perezida William Ruto bwabereye i Mwanza muri Tanzania

IMVAHO NSHYA

Madamu Jeannette Kagame yifatanyije na Perezida wa Kenya, William Ruto n'umugore we, Rachel Ruto mu bukwe bw'umukobwa wabo, Charlene Ruto washyingiranwe na rwiyemezamirimo Isaya Yunge ukomoka muri Tanzania biyemeje kubana akaramata.

Ni ibirori byabereye muri Malaika Beach Resort, ahagana ku nkengero z'Ikiyaga cya Victoria mu Mujyi wa Mwanza muri Tanzania, ku itariki ya 6 Ugushyingo 2026.

Byitabiriwe na Madamu Jeannette Kagame n'abandi bayobozi batandukanye bo muri Kenya, barimo Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Moses Wetang'ula, Minisitiri w'Umutekano w'Imbere mu Gihugu, Kipchumba Murkomen na Minisitiri w'Ubuzima, Aden Duale.

Ubu bukwe bwahuje imiryango y'abageni bakomoka muri Kenya na Tanzania, buje bukurikira umuhango gakondo wo gusaba no guhana impano uzwi nka Koito, wabereye mu muryango wa Ruto muri Kanama 2026.

Isaya Yunge w'imyaka 36 ni rwiyemezamirimo uzwi muri Tanzania, by'umwihariko mu ikoranabuhanga rikoreshwa mu guteza imbere uburezi. Yashinze SomaApp, urubuga rumaze gufasha urubyiruko rurenga 7 000 rwo muri Afurika kubona amahirwe ajyanye n'uburezi.

Uyu mushinga watumye amenyekana nk'umwe mu rubyiruko rukoresha ikoranabuhanga mu kugabanya imbogamizi zituma abana batabona uburezi.

Mu 2007 yaramenyekanye ku rwego mpuzamahanga ubwo yabaga umuyobozi wa mbere w'urubyiruko wo muri Afurika wavugiye mu Nama ya G8, agaragaza ibitekerezo n'inyungu by'urubyiruko.

Mu 2018, Yunge yahawe igihembo cya Queen's Young Leader Award, aba umwe mu Banya-Tanzania babiri gusa bagihawe muri uwo mwaka.

Hagati ya Mutarama 2022 na Nyakanga 2023, Yunge yabaye Umuyobozi Mukuru wa SPEKI Technologies, ikigo cyibanda ku iterambere ry'ubucuruzi, guhanga ibishya no kuvugurura imikorere y'ibigo.

Yanakurikiranye amasomo ajyanye na Dipolomasi ishingiye ku bukungu (Economic Diplomacy) n'Ifaranga Koranabuhanga (Digital Money), aza no kwiga ibijyanuye no kuyobora impinduka mu kuba rwiyemezamirimo imirimo no guhanga ibishya (Leading Change in Entrepreneurship and Innovation) muri Kaminuza ya Cambridge.

Ku rundi ruhande, Charlene Ruto ni umwana wa gatatu mu bana barindwi Perezida William Ruto yabyaranye n'umugore we, Rachel Ruto.

Amatora : Abagore n’abafite ubumuga biyemeje gushyira imbere uburenganzira bw’abo bahagarariye

IBIKURIKIRA URUP.1

ango ihamye kandi itekanye.

Yagize ati: “Nifuza ko abagore bo mu Murenge wa Musha barera abana babo neza, bakabarinda ihohoterwa iryo ari ryo ryose, kugira ngo twirinde inda ziterwa abangavu, tuzagire abagore beza b’ejo hazaza.”

Yavuze ko azakora ubuvugizi kugira ngo abagore bahabwe amahugurwa yo gucunga imishinga mito, abashishikariza kwinjira mu matsinda yo kwizigamira no mu bigo by’imari, ndetse bamenye uburenganzira bwabo na serivisi bemerewe.

Yongeyeho ko intego ari ugutuma abagore barushaho kwigirira icyizere, kwiteza imbere no kugira uruhare mu gufata ibyemezo bibareba.

Ku ruhande rw’abafite ubumuga, Baraturwango Jean Marie Vianey, watorewe kuba Umuhuzabikorwa w’Inama y’Igihugu y’Abafite Ubumuga muri uwo Murenge wa Musha, yavuze ko azashyira imbaraga mu kumenya neza ibibazo by’abo ahagarariye no kubakorera ubuvugizi.



Aha bari mu gikorwa cyo kubarura amajwi

Yagize ati: “Nzakora igenamigambi, tunoze amakuru ajyanye n’imibare yabo turebe imbogamizi bafite, hanyuma dukore ubuvugizi mu nzego zibishinzwe kugira ngo bafashwe.”

Biteganyijwe ko nyuma y’amatora yo ku rwego rw’Umurenge, hazakurikiraho ayo ku rwego rw’Uturere ku wa 14 Ugushyingo; ubwo hazatorwa Komite Nyobozi y’Inama y’Igihugu y’Abagore, Urubyiruko n’Abafite Ubumuga ku rwego rw’Akarere.

Ku wa 17 Ugushyingo hazatorwa abagore batanu bazahagararira abandi mu Nama Njyanama y’Akarere, mu gihe ku wa 21 Ugushyingo hazatorwa abajyanama rusange umunani mu Nama Njyanama y’Akarere.

Ku wa 24 Ugushyingo hazatorwa Biro y’Inama Njyanama y’Akarere na Komite Nyobozi y’Akarere igizwe n’Umuyobozi w’Akarere n’abamwungirije babiri.

Ku wa 28 Ugushyingo hazatorwa Komite Nyobozi z’Inama z’Igihugu, harimo iy’Abagore n’iy’Abafite Ubumuga ku rwego rw’Intara n’Umujyi wa Kigali, mu gihe ku wa 30 Ugushyingo hazatorwa komite nyobozi z’izi nama ku rwego rw’Igihugu.

Biteganyijwe ko abagize Inama z’Igihugu zose bazaba bamaze gutorwa bitarenze ku wa 15 Ukuboza 2026.

Abanyarwanda 2 batorewe kwinjira mu Rwego Mpuzamahanga rw’Abahanga mu Bumenyi

IBIKURIKIRA URUP.1

uruhare mu guhangana n’ikibazo cy’ibura ry’ibiribwa n’imirire mibi ku Mugabane wa Afurika.

Yagiye ahabwa ibihembo bitandukanye birimo igihembo cya OWSD-Elsevier Foundation cyo mu 2023 ndetse n’igihembo cy’Abagore b’Abahanga mu Bumenyi mu Rwanda (Rwanda Women in Science Award) cyo mu mwaka wa 2022.

Ku rundi ruhande, Prof. Léon Mutesa ni umuhanga mu bijyanye n’uturemangingo ndangasano (Human Genetics), akaba ayobora Ikigo cy’Ubushakashatsi ku turemangingo ndangasano n’uturemangingo shingiro (Center for Human Genetics and Genomics) muri Kaminuza y’u Rwanda, Ishami ry’Ubuvuzi n’Ubuzima.

Yagize uruhare rukomeye mu gushyiraho no guteza imbere ikigo cy’u Rwanda cyifashishwa mu bushakashatsi no gupima ibijyanye n’uturemangingo ndangasano z’abantu, kikaba ari cyo cyonyine kiri muri Afurika y’Iburasirazuba.

Ubushakashatsi bwe bunibanda ku gusobanukirwa uburyo ibibazo



Prof. Léon Mutesa

bimwe na bimwe by’uturemangingo ndangasano n’ihungabana bishobora kugira ingaruka ku bisekuru bikurikirana.

Mu bihembo yahawe harimo igihembo cya Human Genome Organisation (HUGO) African Prize cyo mu 2024. Yanahembwe kuba umunyamuryango w’Urwego Nyafurika rw’Abahanga mu Bumenyi (African Academy of Sciences).

Kwinjira kw’aba bahanga muri TWAS bitumye Abanyarwanda bamaze gutorerwa kuba abanyamuryango baryo bagera kuri bane kuko baje biyongera kuri Prof. Romain Murenzi na Prof. Agnès Binagwaho.

TWAS ni urwego mpuzamahanga rwashinzwe mu 1983, rugamije guteza imbere ubushakashatsi, ubumenyi n’ikoranabuhanga mu bihugu bikiri mu nzira y’amajyambere, cyane cyane ibihugu byo mu Majyepfo y’Isi.

Mu bahanga 87 bashya batowe muri uyu mwaka, 29 ni abagore naho 58 ni abagabo. Muri bo, 77 bakomoka mu bihugu bikiri mu nzira y’amajyambere, bakaba bongereye umubare w’abagize TWAS ku Isi ukagera ku 1 510.



Prof. Eugénie Kayitesi

Minisitiri w'Ibidukikije Dr. Arakwiye yatorewe kuyobora MOP 38

TWAGIRA Wilson

Minisitiri w'Ibidukikije w'u Rwanda Dr. Arakwiye Bernadette, yatorewe kuyobora Inama ya 38 y'Ihuriro ry'Ibihugu byasinye amasezerano ya Montréal, amasezerano agamije gufata neza, no kurengera akayunguruzo k'imirasire y'izuba.

Minisiteri y'Ibidukikije yashimangiye ko itorwa rya Dr. Arakwiye Bernadette ari intambwe nziza ku Gihugu ku byerekeranye n'ubuyobozi bwiza bw'u Rwanda mpuzamahanga no guteza imbere ingamba zihuriweho zerekeranye no kurengera akayunguruzo k'imirasire y'izuba, mu gihe Isi ikomeje gushakira ibisubizo ibibazo bishingiye ku ngaruka, z'imihindagurikire y'ibihe.

Amasezerano ya Montréal yashyizweho mu 1987 agamije kugabanya no gukuraho ikoreshwa ry'imyuka n'ibindi binyabutabire byangiza akayunguruzo k'imirasire y'izuba, karinda ibinyabuzima.

Mu 2016, i Kigali na bwo habereye ivugururwa ry'ayo masezerano



Minisitiri w'Ibidukikije w'u Rwanda Dr. Arakwiye Bernadette, yatorewe kuyobora MOP38

by'umwihariko mu birebana no guteza imbere ibikorwa bifitanye isano no kubungabunga ibidukikije.

Dr. Arakwiye yatorewe mu nama ya MOP38 yabereye i Kigali kuva ku wa 2 kugeza ku wa 6 Ugushyingo 2026, akaba ari inama mpuzamahanga ihuje ibihugu byashyize umukono ku Masezerano ya Montréal, n'ivugururwa ryayo ryemejwe i Kigali mu mwaka wa 2016.

Minisitiri Dr. Arakwiye yahawe kuyobora ibiganiro byibanda ku gusuzuma intambwe ibihugu bitandukanye bimaze gutera mu gushyira mu bikorwa amasezerano agamije kurengera akayunguruzo k'imirasire y'izuba, hagamijwe gusuzuma ibyagezweho ndetse n'ibikwiye kongerwamo ingufu.

Ibyo biganiro yayoboye, byibanze ku gushimangira ubufatanye ryibanze ku kugabanya ikoreshwa ry'imyuka ya Hydrofluorocarbons (HFCs), ikoreshwa cyane mu bikoresho bikonjesha gusa ikagira uruhare mu kongera ikibazo cy'ubushyuhe kumugabane w'Isi.

Iyo nama ya MOP38 ibereye Ikigali mu gihe hashize imyaka igera ku 10 u Rwanda rwakiriye ibiganiro byageze kuntambwe yo kwemeza iri vugururwa, bikaba ari n'umwanya wo kongera gusuzuma uruhare rw'ibihugu mu gushyira mu bikorwa gahunda zo kurengera ikirere.

Ibyo wamenya kuri Dr. Arakwiye Bernadette

Dr. Arakwiye Bernadette yize muri Kaminuza Nkuru y' u Rwanda aho yavanye impamyabumenyi y'icyiciro cya kabiri cya kaminuza mu binyabuzima, yongeye kubona impamyabumenyi y'Icyiciro cya Mbere yo kuba Minisitiri w'Ibidukikije Dr. Arakwiye Bernadette yari Umuyobozi Mukuru wa World Resources Institute (WRI) ayoboye porogaramu yo gusana ubutaka (Land Restauration) ku mugabane wa Afurika.

Yanabaye Umuyobozi w'Inama y'Ubutegetsi yari ishinzwe kwiga kuri Porogaramu yo kubungabunga ubutaka muri Afurika, naho mbere y'aho yari umushakashatsi mu kigo cya Conservation International muri Amerika.

Ikindi kandi yabaye Umushakashatsi wungirije mu Kigo cya Dian Fossey Gorilla Funds mu Rwanda, inshingano nshya ku mwanya wa Minisitiri akaba yarazihawe ku ya 24 Nyakanga 2025 asimbuye Dr. Uwamariya Valantine.

U Rwanda rwegukanye ibihembo 3 by'ubuziranenge bitangwa na EAC



Ibigo n'inganda 3 byo mu Rwanda byegukanye ibihembo by'ubuziranenge bitangwa na EAC

KAMALIZA Agnes

Ibigo n'inganda 3 by'u Rwanda birimo; Ikigo gishinzwe ubumenyi bw'ikirere, Rwanda Meteorology Agency, SteelRwa Industries Ltd, rukora ibyuma na kompanyi ya Santech ikora iby'ikoranabuhanga ry'ubwenge buhangano, byegukanye ibihembo bitangwa n'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba (EAC), bigamije gushimira ibigo by'ubucuruzi, inganda n'ibigo bitanga serivisi bigaragaza ubunyamwuga mu kubungabunga ubuzirangenge n'ireme ry'ibyo bikora (EAC Regional Quality Awards).

Ibi bihembo byatanzwe ku mugoroba wo ku wa Mbere tariki ya 02 Ugushyingo 2026, byitabiriwe n'ibindi Bihugu nka Kenya, Burundi, Somalia, South Sudan na Tanzania.

'Meteo Rwanda' yegukanye umwanya wa kabiri mu cyiciro cya serivisi nziza y'umwaka mu bigo bya Leta, uruganda rw'ibyuma 'SteelRwa' rwegukana umwanya wa kabiri mu cyiciro cya kompanyi nini y'umwaka mu gihe Kompanyi y'ikoranabuhanga 'Santech' yegukanye umwanya wa mbere muri serivisi y'umwaka mu bigo byigenga.

Mu byiciro icyenda byahatanaga hahembwagamo ikigo cyabaye icya mbere, icya kabiri n'icya gatatu.

U Rwanda rwari ruhagarariwe n'ibigo umunani, Kenya bitandatu, u Burundi bine, Somalia icyenda, Sudani y'Epfo bitanu mu gihe Tanzania yahagarariwe n'ibigo icyenda.

Nubwo nta kigo na kimwe cyo mu Rwanda cyegukanye umwanya mbere ariko bimwe mu byegukanye indi myanya byagaragaje ko ibyo bihembo bibasigiye umukoro wo kurushaho gukorana cyane no kunoza ireme ry'ibyo bakora.

Shema Pacific washinze kompanyi ya Santech yagize ati: "Dutangira ntabwo twumvaga twahangana ku rwego rwa Afurika y'Iburasirazuba ariko ibi baraduha icyizere n'imbaraga ko ubutaha tuzaba aba mbere."

Avuga ko ikoranabuhanga bafite rya e-visitors ryifashishwa mu gusikana ibyangombwa ku buryo aho umuntu aho ajya abihasanga; kuri ubu rikoreshwa n'ibigo 47 byo mu Rwanda no mu mahanga.

Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda y'u Rwanda, Tuyishimire Chantal, yavuze ko nubwo nta bigo byo mu Rwanda byabaye ibya mbere, ariko kuba byabonye indi myanya ari amahirwe yo kongeramo imbaraga.

Ati: "Binabaha intumbero yo kurwana no kugira aho bagera. Icyo bivuze ni amahirwe yo kugira ngo umwaka utaha hazashyirwemo imbaraga kuko ubuziranenge ni ikintu dukwiye gushyira imbere kugira ngo ubutaha tuzatsinde tubone ibihembo byinshi."

Umunyamabanga Mukuru Wungirije wa EAC ushinzwe ibijyanye n'ubucuruzi, Annette Ssemuwemba Mutaawe, yavuze ko kuba irushanwa ririmo ibyiciro by'ubucuruzi buto n'ubucirirtse bigaragaza ko kuba ikigo kinini bidasaba gutangirira kuri byinshi.

Yongeyeho ko ibyo bituma ibigo bizamura izina ryabyo, bikizerwa kandi bikabasha guhangana.

Ibi bihembo bitangiwe mu Rwanda ku nshuro ya mbere byatangijwe mu 2023, ariko icyiciro cya mbere cy'amarushanwa no gutanga ibihembo cyabaye mu 2024.

Mu 2024, u Rwanda rwitabiriye ayo marushwanwa ibigo bine birimo; ISHYO Foods, ZIMA Health, Izere Services, Trading Co. Ltd na Prime Insurance Limited bigira imyanya ya kabiri mu byiciro bitandukanye, mu gihe mu 2025, u Rwanda rwabonye umwanya wa mbere mu cyiciro cya serivisi zitangwa n'ibigo binini wegukanywe na Zipline.

U Rwanda rwasabye ibihugu gukora ibyo byiyemeje mu kurengera Ikirere

TWAGIRA Wilson

Guverinoma y'u Rwanda yasabye ibihugu bitandukanye ku Isi gushyira mu ngiro ibyo byiyemeje nk'umusanzu wabyo mu kurengera ikirere nk'uko bikubiye mu masezerano ya Montréal yavuguruwe i Kigali mu mwaka wa 2016 (Kigali Amendment).



Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva Justin yasabye ibihugu bitandukanye gushyira mu ngiro ibyo byiyemeje nk'umusanzu wabyo mu kurengera ikirere

Amasezerano avuguruye ya Kigali agamije kurengera akayunguruzo k'imirasire y'izuba (Ozone Layer), yemerejwe i Kigali mu Rwanda ku wa 15 Ukwakira 2016 hagamijwe kugabanya ikoreshwa ry'imyuka ya Hydrofluorocarbons (HFCs) isohorwa ahanini n'ibikoresho bikonjesha, izwiho kugira uruhare rukomeye mu kongera ubushyuhe bw'Isi.

Mu gutangiza Inama ya 38 ihuza ibihugu byashyize umukono kuri ayo masezerano (MOP38) Minisitiri w'Intebe, Dr. Justin Nsengiyumva yibanze ku mateka agamije kuvugurura amasezerano ya Montreal, aho yibukije abahagarariye ibihugu ko hashize imyaka 10 u Rwanda rwakiriye inama yafatiwemo icyemezo gikomeye cyo kwemeza ivugururwa ry'amasezerano ya Montreal rizwi nka 'Kigali Amendment'.

Yasobanuye ko icyemezo cyafatiwe i Kigali cyagaragaje ko ibihugu bishobora guhuriza hamwe imbaraga bigashakira ibisubizo ibibazo byugarije Isi, buri gihugu kikitabwaho hashingiwe ku bushobozi n'ibikenewe mu iterambere ryacyo.

Agira ati: "Amasezerano ya Kigali, ari yo 'Kigali Amendment' aramutse ashyizwe mu bikorwa byuzuye, yagira uruhare rukomeye mu kurengera ikirere cyacu no guteza imbere imibereho myiza y'abatuye Isi, ubu ndetse n'ejo hazaza.

Yagarutse ku butumwa bukubiye mu ijambo ry'Umukuru w'Igihugu Paul Kagame, ubwo hemezwaga iryo vugururwa mu mwaka wa 2016 aho yagaragaje umurongo ukwiye kuyobora ibikorwa by'ibihugu byashyize umukono kuri ayo masezerano.

Icyo gihe Perezida Kagame yagize ati: "Ntabwo dukwiye kunyurwa no kuba hari intambwe ntoya twateye mu gukemura ikibazo kandi dufite ubushobozi bwo kugikemura mu buryo bwa burundu."

Minisitiri w'Intebe asanga ubutumwa bukubiye muri ayo magambo bukwiye kwibutsa ibihugu ko intsinzi idapimirwa ku masezerano yasinywe cyangwa ibyo byiyemeje, ahubwo ireberwa ku mpinduka ibyo byemezo bigira ku Isi no ku mibereho y'abaturage muri rusange."

Ku birebana n'ibikoresho bikonjesha, Dr. Nsengiyumva yagaragaje ko gukonjesha ibiribwa, imiti n'ahantu hatandukanye bidakwiye gufatwa nk'ikintu kigamije gutuma abantu bagira ubuzima bwiza gusa, ahubwo ko ari ingenzi ku buzima, agaciro ka muntu, amahirwe y'ubukungu no kurwanya ibibazo bikomoka ku mihindagurikire y'ibihe.

Yagarutse ku ngero z'abahinzi, avuga ko kubona uburyo bwizewe bwo kubika umusaruro mu bukonje bishobora gutuma imbuto n'ibindi bihingwa basaruye bigera ku isoko bitarangirika.

Ati: "Uburyo bwiza bwo gukonjesha ni ingenzi mu kubika inkingo n'imiti y'ingenzi kugira ngo bigere no ku baturage bayikeneye batuye mu Turere twa kure. Ikindi, kubona serivisi zizewe zo gukonjesha biracyari ingorabahizi kuri miliyoni z'abantu, cyane cyane muri Afurika, aho amashanyarazi akiri make ikindi ntaboneka neza mu buryo buhoraho."

Kubakenera serivisi zo gukonjesha, yavuze ko uko abantu bakenera serivisi zo gukonjesha bagenda biyongera, bityo ibihugu bisabwa gushaka uburyo bwo kubigeraho bidahungabanyije ibidukikije, hifashishijwe ikoranabuhanga rikoresha ingufu nke kandi ritangiza ikirere.

Asobanura impinduka zirebana no gukonjesha, Minisitiri w'Intebe yavuze ko impinduka mu bijyanye no gukonjesha zitagomba kugarukira gusa ku gusimbuza ikoranabuhanga rishaje irishya, ahubwo zigomba kujyana no kubaka ibikorwa remezo, kongerera abaturage ubumenyi n'ubushobozi no guteza imbere inganda zishobora gutanga ibisubizo mu buryo burambye.

Ati: "U Rwanda ruzashyira mu bikorwa iyi ntego binyuze mu bikorwa birimo Ikigo Nyafurika cy'Icyitegererezo mu Guteza Imbere Ikoranabuhanga ryo Gukonjesha mu buryo Burambye no Kubika Ibicuruzwa ahantu hakonje."

Icyo kigo nyafurika cy'icyitegererezo mu guteza imbere ikoranabuhanga rikonjesha cyatangijwe mu Rwanda gifite icyerekezo cyo gufasha Afurika mu rwego rw'ubushakashatsi n'amahugurwa.

U Rwanda rusanga ibikorwa nk'ibyo bifasha ibihugu kubaka ubushobozi bwabyo kugira ngo bishobore kubyaza umusaruro amahirwe ari mu gutanga serivisi zo gukonjesha mu buryo burengera ibidukikije.

Ubufatanye bw'ibihugu ni ingenzi

Dr. Nsengiyumva yashimangiye ko ubufatanye bw'ibihugu ari ingenzi yibukije akamaro k'ubufatanye mpuzamahanga, avuga ko nta gihugu cyakemura ibibazo byugarije Isi cyonyine.

Ati: "Ubufatanye bw'ibihugu biri mu nzira y'amajyambere (South-South Cooperation) n'ubundi bufatanye mpuzamahanga ni ingenzi mu guhuriza hamwe ubumenyi, ubushobozi, umutungo n'uburambe."

Akomeza avuga ko ubwo bufatanye bukwiye gutuma ibihugu bikiri mu nzira y'amajyambere bigira uruhare mu gufata ibyemezo no kuyobora impinduka zigamije gukonjesha mu buryo burambye, aho kuba ibyo gusabwa gusa kumenyera ikoranabuhanga n'imikorere byashyizweho n'abandi.

Yasabye abayobozi bari muri iyo nama ya MOP38 kurenga ku byo amasezerano abasaba by'ibanze, bagaharanira gushyira mu bikorwa ibyo biyemeje ku gihe kandi mu buryo burambye.

Yakomeje agira ati: "Imyaka 10 iri imbere ikwiye kurangwa n'ibikorwa bifatika n'umusaruro ugaragara, aho kuba imvugo n'imihigo yonyine. "Dukwiye gutera intambwe ifatika irenze ibisabwa, duharanira kugera ku bishoboka."

IMVAHO NSHYA

Tshisekedi yageretse ku Rwanda ipere-reza ririmo gukorwa ku muryango we

Tariki ya 14 Ukwakira 2026, abashinzwe umutekano n'abashinjacyaha mu Bubiligi basatse urugo rwa Perezida wa Republika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) Félix Antoine Tshisekedi Tshilombo n'izindi ngo z'abo mu muryango we mu bice bitandukanye bya Bruxelles, Wallonie na Flandre.



Perezida wa RDC, Félix Antoine Tshisekedi Tshilombo yasabye Vladmir Putin ko u Burusiya bwafasha icyo gihugu kugarura amahoro mu burasirazuba bwacyo

Impuguke mu bya Politiki y'Akarere zikomeje gutangazwa n'uburyo iryo sakwa na ryo Perezida Tshisekedi yarigeretse ku Rwanda n'ubuyobozi bukuru bwarwo mu gihe rishingiye ku birego byatanzwe n'Imiryango itari iya Leta muri Nyakanga 2025, yerekanye ibihamya bifatika bigaragaza ibyaha by'uwo mu Muryango birebana na ruswa, iyezandonke, no kwigwizaho imitungo mu buryo bw'uburiganya.

Nk'uko byashimangiwe n'Ikinyamakuru Libre, Perezida Tshisekedi yashinje Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame kugira uruhare muri iryo perereza ubutabera bw'u Bubiligi bukomeje gukora ku bantu bo mu muryango we, avuga ko kugeza ubu atarasobanurirwa ibyavuye mu isaka ryakorewe mu ngo zabo.

Ibi Tshisekedi yabivugiye mu ruzinduko yagiriye i Moscou mu Burusiya, aho yari yitabiriye inama yiga ku bufatanye bw'u Burusiya na Afurika (Russia-Africa Summit) ku wa 28-29 Ukwakira 2026, akanahura na Perezida Vladimir Putin.

Mu kiganiro yagiranye n'Abanyekongo baba mu Burusiya, Tshisekedi yagarutse kuri iryo perereza mu rwego rwo gushaka kugaragaza ko abakorwaho ipererezа atari bo kibazo ahubwo ikibazo kiri ku Rwanda adahwema kubwira Isi yose ko ari rwo soko y'ibibazo byose bya Congo.

Tshisekedi yavuze ko abona ko iryo perereza riri gukorwa ku busabe bw'abarwanya ubutegetsi bwe, ashinja Perezida Kagame kuba ari we uriyoboye.

Yagize ati: "Kuri Perezida Tshisekedi, nta gushidikanya ko Perezida w'u Rwanda ari we uyoboye iki gikorwa cy'ubutabera bw'u Bubiligi."

Yakomeje avuga ko abo yita abagize uruhare muri icyo gikorwa bagishije inama umunyamategeko avuga ko afitanye umubano wa hafi n'Abanyarwanda umaze imyaka 30, amushinja gukorana n'abo avuga ko bamubeshyera.

Tshisekedi yavuze ko icyo gikorwa kigamije kugirira nabi umuryango we, kugira ngo na we bimugireho ingaruka.

Yagize ati: "Bashyize hamwe n'umunyamategeko, umunyamategeko w'ibinyoma w'Umuzungu, umaze imyaka 30 yegeranye cyane n'Abanyarwanda, kandi bamenyereye kubeshya. Bahuje imbaraga n'uwo nasimbuye ku butegetsi. Intego yari iyo kugera ku muryango wanjye, bibwira ko nanjye bizangiraho ingaruka."

Abakurikiranywe barimo umugore we Denise Nyakeru Tshisekedi n'abahungu be Fanny na Anthony ndetse n'abavandimwe be Christian, Jacques, uwitwa Jean-Claude hamwe na babyara be ndetse na muramu we.

Bose bafite ubwenegihugu bw'u Bubiligi, bakaba bakurikiranyweho ubufatanyacyaha mu byaha bya ruswa, kwigwizaho umutungo, iyezandonke, n'indi myitwarire y'ubufatanyacyaha ifitanye isano no gusahura cyangwa kunyaga ibirombe by'amabuye y'agaciro mu Ntara ya Haut Katanga n'iya Lualaba.

Umushinjacyaha Mukuru w'u Bubiligi Ann Fransen ni we watanze ikirego nyuma yo gukusanya ibimenyetso simusiga bishimangira ibyaha abo mu Muryango wa Tsisekedi bashinjwa ko bakoze mu bihe bitandukanye.

Ibyo bimenyetso harimo ibyakusanyiwe guhera muri Nyakanga 2025 n'abayobozi b'Imirango itegamiye kuri Leta yakoreraga i Katanga ndetse n'abahoze ari abayobozi b'ikigo Gécamines ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro ariko ari Leta ijana ku ijana.

Ubutabera bw'u Bubiligi buhamya ko bufite ububasha busesuye kubera ko abakurikiranwa bafite ubwenegihugu bw'u Bubiligi nubwo ibyaha bakekwaho byakorewe hanze yabwo.

Perezida Tshisekedi ngo aracyategereje ibisobanuro ku byafashwe mu isakwa

Perezida Tshisekedi yanenze uburyo ubutabera bw'u Bubiligi bwakoreshejwemo isaka, avuga ko kugeza ubu atarabona ibisobanuro birambuye ku byafashwe mu gihe cy'uko gusaka abagize umuryango we.

Yavuze ko mu gihe umuntu afashwe afite ibiyobyabwenge, inzego zibishinzwe zitangaza ingano yabyo, ariko ko ku byerekeye ugusakwa k'umuryango we, nta makuru arambuye aratangazwa.

Ati: "Kugeza uyu munsi ndacyategereje. Nk'uko mubizi, iyo umuntu afashwe afite ibiyobyabwenge, urugero, bahita batangaza ko yafatanywe ibilo runaka. Iyo habaye gusaka, batangaza ko ahantu runaka habonetse miliyoni runaka cyangwa ikindi kintu. Nanjye ndacyategereje."

Mbere yo guhura n'Abanyekongo baba mu Burusiya, Tshisekedi yari yagiranye ibiganiro na Perezida Vladimir Putin, amusaba ko u Burusiya bwashyigikira RDC mu gushaka amahoro mu burasirazuba bw'icyo gihugu.

Yavuze ko RDC yifuza ko u Burusiya buyifasha mu gushaka umuti w'amakimbirane amaze igihe mu burasirazuba bwayo. Ati: "Turifuza ko u Burusiya bwadufasha mu gushaka amahoro."

Yagaragaje ko nubwo ibiganiro by'amahoro byatangijwe i Washington muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika n'i Doha muri Qatar, kugeza ubu bitarageza ku musaruro ufatika.

Yanenze ko hakenewe uruhare rw'u Burusiya mu Muryango w'Abibumbye kugira ngo hashyirwe mu bikorwa Umwanzuro wa 2773, usaba ko ingabo z'amahanga, ziva ku butaka bwa Congo, agashinja n'u Rwanda kuba rufiteyo ingabo.

Yanasabye ko manda y'Ingabo z'Umuryango w'Abibumbye ziri muri RDC (MONUSCO) yongerwa, kuko yari iteganyijwe kurangira ku wa 20 Ukuboza 2026.

Ku rundi ruhande, Perezida Putin yashimangiye akamaro k'ibiganiro bishingiye ku bwizerane hagati y'ibihugu no ku kwita ku nyungu zemewe z'impande zose.

Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

Ijambo ry'Ibanze

Ubusabe bw'u Rwanda mu kugabanya ubushyuhe bw'Isi

Uko imyaka yagiye ihita indi igataha ni ko ubushyuhe bw'Isi bwakomeje kwiyongera. Ubu hashize imyaka 39 ibihugu bibarirwa muri 24 bishyize umukono ku masezerano ya Montréal yaje kuvugururirwa i Kigali mu mwaka wa 2016, uyu munsi akaba amaze kwemezwa n'ibihugu 198 byo ku migabane itandukanye ku Isi.

Ivugururwa ry'ayo masezerano mu myaka 10 ishize ryabaye intangiriro yo kongera kwiyemeza kw'ibihugu bigize Isi hagamijwe guhuza imbaraga mu kugabanya imyuka ya Hydrofluorocarbons (HFCs) ikoreshwa cyane mu bikoresho bikonjesha birimo ibyumba bikonjesha, za firigo n'ibyuma bikoreshwa mu kubika ibiribwa.

Mu Nama ya 38 y'Ibihugu Bihuriye ku Masezerano ya Montreal (MoP 38), yabereye i Kigali kuva ku wa 2 kugeza ku wa 6 Ugushyingo 2026, u Rwanda rwabonye amahirwe yo kugaragaza umusanzu warwo muri urwo rugendo no kongera gusaba amahanga gushyira mu bikorwa ibyo yiyemeje mu kurengera ibidukikije, cyane cyane binyuze mu Masezerano avuguruye ya Kigali.

Mu butumwa bwatanzwe na Minisitiri w'Intebe, Dr. Justin Nsengiyumva ku wa 5 Ugushyingo, yashimangiye ko ibihugu bidakwiye kunyurwa no kuba byarashyize umukono ku masezerano, ahubwo ko bigomba kwita ku musaruro ugaragara mu mibereho y'abaturage ndetse bikanashyira mu bikorwa ibyo byiyemeje gukora muri uru rugamba.

Guverinoma y'u Rwanda yasabye kandi gushyigikira Itangazo rya Kigali (Kigali Amendment), kwinjira mu muryango wa 'Inshuti z'Amasezerano ya Kigali (Friends of the Kigali Amendment) watangijwe n'u Rwanda, Brazil n'u Bwongereza, no gushyira imyanzuro y'iyo nama muri gahunda z'ibikorwa bya buri gihugu.

Ku Rwanda, kwakira iyi nama byari bifite igisobanuro cyihariye, kuko uyu mwaka ari bwo hanizihizwa isabukuru y'imyaka 10 ishize hemejwe Itangazo rya Kigali rivugurura amasezerano ya Montréal. U Rwanda kandi rusanga umurage w'ayo masezerano ukwiye kugera no ku ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu kurengera ibidukikije, gukoresha neza ingufu, guteza imbere inganda zidahumanya ikirere no kongera ubumenyi bw'abaturage kuri iyi gahunda.

Ni ngombwa kandi ko inyungu z'ubufatanye mpuzamahanga zagaragarira mu mibereho y'abaturage, binyuze mu kubona ibikoresho bikonjesha bidahenze kandi bitangiza akayunguruzo k'izuba, kubungabunga ubuzima, kongera umutekano w'ibiribwa no guteza imbere ubukungu butangiza ibidukikije.

Imvaho Nshya

Ubwanditsi

BNR yongereye igihe cyo guhinduza inoti zashaje

KAMALIZA Agnes

Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR) yatangaje ko yongereye igihe cyo guhinduza inoti zashaje zirimo iya 500 Frw, 1 000 Frw, 2 000 Frw n'iya 5 000 Frw, aho abazifite bazazihindurirwa kugeza ku wa 01 Werurwe 2027.



Igihe cyo guhinduza inoti zishaje cyarongerewe kizageza ku ya 1 Werurwe 2027

Mu itangazo rya BNR ryo ku wa 01 Ugushyingo 2026, yamenyesheje abaturage ko igihe cyo guhinduza izi noti mu mabanki y'ubucuruzi no mu mashami ya 'Umwalimu SACCO' cyongerewe kugeza ku wa 30 Ugushyingo 2026, mu gihe mbere byari biteganyijwe ko bizarangira ku wa 01 Ugushyingo 2026.

BNR yavuze ko guhera ku wa 01 Ukuboza 2026 kugeza ku wa 1 Werurwe 2027, abazifite bazajya bazihinduriza gusa ku cyicaro gikuru cya BNR gihererereye mu Kiyovu mu Karere ka Nyarugenge mu Mujyi wa Kigali.

Inoti ziri gukurwa ku isoko ni iza 500 Frw zakozwe ku wa 01 Nyakanga 2004 n'izo ku wa 01 Mutarama 2013, 1 000 Frw cyakozwe ku wa 01 Nyakanga 2004 n'izo ku wa 01 Gicurasi 2015, iza 2 000 Frw zakozwe ku wa 31 Ukwakira 2007, ni iza 5 000 Frw zakozwe ku wa 01 Mata 2004 no ku wa 01 Gashyantare 2009.

Ku wa 24 Werurwe 2026, ni bwo BNR yasohoye itangazo rimenyesha abaturage ko hari inoti zizakurwa ku isoko hashingiwe ku Iteka rya Perezida Nº 011/01 ryo ku wa 27 Gashyantare 2026, ryatangajwe mu Igazeti ya Leta ku wa 2 Werurwe 2026.

Muri iryo tangazo, BNR yari yavuze ko abaturage bazazihinduriza mu mabanki y'ubucuruzi no muri Umwalimu SACCO mu gihe cy'amezi icyenda, kuva ku wa 2 Werurwe kugeza ku wa 1 Ugushyingo 2026.

Kigali: Inyubako zibereye ijisho zirimo kubakwa muri Nyabisindu



Impinduka zatangiye kugaragara inyubako zitaruzura

IMVAHO NSHYA

Abagenda mu bice bya Nyabisindu na Nyagatovu mu Karere ka Gasabo, bakomeje gutangazwa n'impinduka zatangiye kugaragara muri aka gace karimo akajagari, kuri ubu kakaba kagiye kugira Umudugudu w'icyitegererezo ugizwe n'inzu 2029.

Uwo mushinga uherereye mu Kagari ka Nyabisindu mu Murenge wa Remera no mu Kagari ka Nyagatovu mu Murenge wa Kimironko. Watangiye muri Gicurasi 2025, ukaba uteganyijwe kurangira muri Gicurasi 2027.

Amakuru yatangajwe n'Umujyi wa Kigali agaragaza ko uyu mushinga uri kubakwa ku buso burenga hegitari 38, ukazaba ugizwe n'inyubako 58 z'amagorofa ane, arimo igorofa ryo hasi n'andi atatu hejuru (G+3).

Mu bikubiye muri uyu mushinga harimo inyubako zo guturamo, ishuri, isoko, ikibuga cy'umupira w'amaguru, imihanda, ahagenewe ibikorwa by'imyidagaduro n'ahatunganyijwe icyatsi.

Kugeza mu ntangiriro z'Ukwakira 2026, imirimo yo kubaka yari imaze kugera kuri 41%, nk'uko byatangajwe n'abashinzwe uyu mushinga.

Inyubako zimwe zigeze kure, aho izindi zikiri kubakwa. Umushinga kandi urimo gushyirwamo uburyo bwo gutwara amazi y'imvura no kunoza imihanda, kugira ngo abaturage bazawutuzwemo bazabone ibikorwa remezo bikwiye.

Biteganyijwe ko uyu mushinga uzatwara miliyari 62,9 Frw mu miterere no kubaka, nk'uko byatangajwe na Minisiteri y'Ibikorwa Remezo.

Imirimo yo muri uyu Mudugudu imaze guha akazi abantu bagera ku 2 100. Ibyinshi mu bikoresho byifashishwa birimo amatafari, amabuye, umucanga, sima n'ibyuma bikorerwa mu Rwanda.

Uyu mushinga ugamije guha abaturage bari batuye muri aka gace inzu zigezweho, hashingiwe ku gaciro k'imitungo bari bahafite, aho kwimurwa ngo bajye gutura kure y'aho bari basanzwe batuye.

Mu gihe imirimo yo kubaka ikomeje, Leta yashyizeho amafaranga yo gufasha imiryango yavuye mu byayo kubona aho icumbika by'agateganyo. Ayo mafaranga arenga miliyoni 616 Frw yari yarateganyijwe kugeza muri Kamena 2027, hakaba hari n'andi miliyoni 309,6 Frw ateganyijwe mu ngengo y'imari ya 2026/2027.

Uyu mushinga uri mu bikorwa byo kuvugurura imiturire mu Mujyi wa Kigali, hagamijwe gusimbuza imiturire itanoze, kubaka ibikorwa remezo no guteza imbere imiturire iteguwe neza.

Trócaire yiyemeje umusanzu mu gusubiza mu buzima busanzwe abahoze mu mitwe yitwaje intwaro



Umuyobozi Mukuru wa Trócaire ku Isi, Seán Farrell mu basuye Ikigo cya Mutobo gisubiza mu buzima busanzwe abahoze mu mitwe yitwaje intwaro

KAMBANDA Noel

Umuyobozi Mukuru wa Trócaire ku Isi, Seán Farrell, ari kumwe n'intumwa zirimo Musenyeri wungirije wa Dublin, Paul Dempsey, basuye Ikigo cya Mutobo gisubiza mu buzima busanzwe abahoze mu mitwe yitwaje intwaro, bagaragaza ubushake bwo gufatanya n'u Rwanda mu bikorwa byo kubafasha kongera kubaka ubuzima no kwinjira mu muryango nyarwanda.

Izo ntumwa zaturutse muri Ireland zakiriwe na Perezida wa Komisiyo y'u Rwanda ishinzwe Gusezerera no Gusubiza mu buzima busanzwe abahoze ku rugerero (RDRC), Valerie Nyirahabineza, ari kumwe na Visi Perezida wayo, Maj Gen (Rtd) Jack Nziza, n'abandi bakomiseri bagize Komisiyo.

Trócaire ni ikigo cya Kiliziya Gatolika muri Ireland gishinzwe ibikorwa by'iterambere n'ubutabazi ku rwego mpuzamahanga. Icyo kigo kimaze imyaka myinshi gikora mu Rwanda, aho cyatangiye gufasha mu bikorwa by'iterambere nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Umuyobozi Mukuru wa Trócaire, Seán Farrell, yavuze ko uru ruzinduko rugamije kumenya byimbitse ibikorwa bya Mutobo no kureba uburyo bafatanya na RDRC mu gushyigikira abahoze mu mitwe yitwaje intwaro, haba mu gihe bari mu kigo ndetse na nyuma yo kugisohokamo.

Yagize ati: "Turi hano nka Trócaire kugira ngo twifatanye namwe kandi dushimire akazi gakomeye mukora. Twifuza kumenya ibikorwa bikorerwa hano kugira ngo turebe uko twafatanya mu buryo bubiri: kubafasha bari hano mu kigo no gukomeza kubashyigikira bamaze gusubira mu muryango."

Yakomeje avuga ko Ireland na yo yanyuze mu bibazo by'amateka y'amakimbirane, bityo ko bishimira kugira uruhare mu bikorwa bigamije gufasha abantu kuva mu ntambara bakongera kubaka ubuzima bwabo.

Ati: "Nka Ireland, twanyuze mu bibazo mu gihugu cyacu, ni yo mpamvu twishimiye kuba twagira uruhare mu gufasha abantu gusubira mu buzima busanzwe. Nka Kiliziya Gatolika, twishimiye kuba abafatanyabikorwa muri uru rugendo. Turashimira u Rwanda intambwe rumaze gutera kuva kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994."

Perezida wa RDRC, Valerie Nyirahabineza, yavuze ko uru ruzinduko ari intambwe ikomeye mu gushaka abafatanyabikorwa bashobora kunganira Leta y'u Rwanda mu bikorwa byo gusubiza mu buzima busanzwe abavuye mu mitwe yitwaje intwaro no kubafasha kongera kwiyubaka.

Yavuze ko Trócaire yagaragaje ubushake bwo gushyigikira ibyo bikorwa, kandi ko hari gahunda yo gutegura ubufatanye buzarushaho gutanga umusanzu mu bikorwa bya Komisiyo.

Ati: "Abashyitsi baturutse muri Ireland batugendereye bagaragaje ubushake bwo gufatanya natwe mu gusubiza mu buzima busanzwe abahoze ari abasirikare. Bifuza kunganira Leta y'u Rwanda muri ibyo bikorwa, bakaba bagiye gutegura igenamigambi ry'imyaka itanu, rikazashyirwamo ibikorwa bya Komisiyo."

Yakomeje avuga ko abashyitsi na bo banyuze mu bihe by'intambara bishimiye uburyo u Rwanda rwashyizeho gahunda ifasha abahoze mu mitwe yitwaje intwaro kuva mu buzima bw'urugamba bakongera kubaka ubuzima bushya.

Yasobanuye ko ibiganiro ku masezerano y'ubufatanye bigikomeje, ariko ko azashingira kuri gahunda za Leta n'ibikorwa rusange bya Komisiyo.

Abari muri Mutobo bakeneye ubufasha mu kongera kwiyubaka

Kugeza ubu, Ikigo cya Mutobo gifite abantu 527 bari muri gahunda yo gusubizwa mu buzima busanzwe mu cyiciro cya 78, barimo abahoze ari abarwanyi ba FDLR bakuru 228, abana 13 bahoze ari abarwanyi, abo mu miryango yabo 144 n'abari mu nzego za gisivili za FDLR 142.

Muri abo bana 13 bahoze ari abarwanyi harimo abahungu 10 n'abakobwa batatu, babiri muri bo bakaba bafite impinja zavutse biturutse ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

Ikigo kandi kirimo abagore 67 bahohotewe n'umutwe wa FDLR, bakaba barakorewe ubucakara bushingiye ku gitsina.

Amakuru ya RDRC agaragaza ko 90% by'abahoze mu mutwe wa FDLR bagaruka mu Rwanda ari urubyiruko rwavukiye mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Abantu benshi bagaruka bafite abo mu miryango yabo, barimo abana bato bakeneye kwitabwaho by'umwihariko. Muri iki cyiciro harimo abana 79 bari munsi y'imyaka itandatu n'abandi 38 bari hagati y'imyaka itandatu na 17.

Ibi bigaragaza ko gahunda yo gusubiza mu buzima busanzwe abavuye mu mitwe yitwaje intwaro itagarukira ku bahoze ari abarwanyi gusa, ahubwo ikenera no kwita ku miryango yabo, kubafasha kubona imibereho iboneye no kubaka umuryango uhamye.

Ubufatanye bwitezwe hagati ya RDRC na Trócaire bushobora kuzagira uruhare mu gukomeza ibyo bikorwa, by'umwihariko mu gufasha abavuye muri iyo mitwe kwinjira mu buzima bw'abaturage, kongera kwigira no kugira uruhare mu iterambere ry'imiryango yabo n'igihugu muri rusange.

Inteko y’Umuco yerekanye ingaruka z’ubuke bw’inzu zimurika ibitabo



Intebe y’Inteko, Amb. Robert Masozera avuga ko abandika mu Kinyarwanda bakiri bake, ariko bagikora ubukangurambaga

MUTETERAZINA Shifah

Inteko y’Umuco yatangaje ko kuba inzu zimurika ibitabo zikiri nke bituma ibitabo biboneka ku isoko biba bike, ndetse ibyinshi bikaba bigaragaramo amakosa, bitujuje ubuziranenge, ibikomeje kubera imbogamizi abaturage mu gukangukira umuco wo gusoma.

Intebe y’Inteko, Amb. Robert Masozera yabikomojeho ku wa 05 Ugushyingo 2026, ubwo habaga imurikabikorwa rya Serivisi z’Inkoranyabitabo y’Igihugu 2026 n’amahugurwa ku gitabo.

Yagize ati: “Aho ubona tukiri inyuma umuntu atatinya kuvuga ni mu gutangaza ibitabo, kuko inzu zisohora ibitabo zikiri nke binatuma n’ibitabo bikigaragara ku isoko bikiri bike ari na yo mpamvu dukomeza gukora amahugurwa nk’aya kugira ngo abantu bakomeze bagire umuco wo kwandika hibandwa ku bitabo bifite ireme.”

Amb. Robert Masozera yakomeje avuga ko hakiri imbogamizi z’uko n’abanditsi usanga batagana inzu zitunganya akanamurika ibitabo, ahubwo bagahitamo kubyikorera, ibituma hakomeza kugaragaramo amakosa ndetse bimwe bikaba bitujuje ubuziranenge.

Nzabonimpa Patrick, umwanditsi ukiri muto, avuga ko amafaranga bacibwa aba ari menshi ku mwanditsi ukishakisha, hakabaho n’ibura ry’uburyo byaganirwaho akagabanyuka.

Yagize ati: “Imbogamizi igora cyane cyane abanditsi bakiri bato ni ukubona inzu zisohora ibitabo gukorana na zo, akenshi izo dufite hano usanga zisaba amafaranga yaba ari ayo kugorora, kugitunganya, kucyamamaza, kugikoramo amakopi (copies), ugasanga badafite ubwo bushobozi.”

Umuyobozi Nshingwabikorwa mu nzu imurika ibitabo ya Bridge Vision, Tuyishime Françoise, avuga ko impamvu hakiri ibitabo bigaragaramo amakosa biterwa no kuba hari abanditsi bahitamo kwikorera byose ntibirirwe babagana.

Ati: “Akenshi biterwa n’uko biba bitanyuze mu nzu zitunganya ibitabo, bityo umwanditsi arandika, akikosorabigatumaigitabogisohoka kidafite umwimerere mu gihe iyo anyuze mu nzu itunganya ibitabo bamufasha kunonosora ibyo yanditse bakanamufasha kugira ngo igitabo cye gisohoke kiri ku rwego mpuzamahanga.”

Akomeza avuga ko ubuke bw’izo nzu n’ibiciro bikiri hejuru ari byo biba inkomyi abanditsi, bityo bigatuma birinda kugana na nke zihari.

Ati: “Ziracyari nke kubera imbogamizi zikiri mu bwanditsi, nk’uko bizwi inzu zitunganya ibitabo ni ubucuruzi, haracyari imbogamizi mu buryo bwo kugurisha ibitabo, abasomyi baracyari bake, kandi ibigo birimo iby’amashuri byakabaye bitubera abaguzi ntabwo birabyitabira cyane.”

Imibare y’Inteko y’Umuco igaragaza ko kugeza ubu Serivisi z’Inkoranyabitabo y’Igihugu zifite ibitabo 5 000 bicapye bicungwa hifashishijwe ikoranabuhanga rya KOHA. Hifashishijwe kandi uburyo bw’iyakure buzwi nka OPAC, abantu bashobora gusura ibitabo biri mu isomero.

Kigali: Abacuruzi bato ba EAC basabwe kugira intego nini

TWAGIRA Wiilson

Minisitiri w’Intebe, Dr. Nsengiyumva Justin yibukije abikorera bafite ibigo bito n’ibiciriritse byo mu Muryango wa Afurika y’Iburasirazuba kugira intego nini kandi bagatinyuka, kuko ari bimwe mu bizabafasha gutera imbere no kugira ubucuruzi bwagutse, abizeza ko inzego zizabafasha kubigeraho.

Ibyo Minisitiri w’Intebe yabitangarije i Gikondo mu Karere ka Kicukiro ku kibuga kiberamo imurikagurisha (Expo Ground) ku wa 3 Ugushyingo 2026, ubwo yafunguraga ku mugaragaro Imurikagurisha rya 26 ry’Ibigo by’Ubucuruzi bito n’ibiciriritse byo mu Muryango w’Ibihugu bya Afurika y’Iburasirazuba.

Iryo murikagurisha rikaba rifite insanganyamatsiko yo guteza imbere uruhererekane nyongeragaciro rw’ibikomoka ku mpu, ubuhinzi bw’imboga, imbuto n’indabo mu Karere, ryatangiye ku itariki ya 30 Ukwakira bikaba biteganyijwe ko rizasozwa ku ya 8 Ugushyingo 2026.

Nyuma yo gutambagizwa no gusura abikorera bafite ibikorwa byubucuruzi bamurika, Minisitiri w’Intebe yavuze ko mu rwego rwo gufasha no guteza imbere ibigo bito n’ibiciriritse, u Rwanda rwihaye intego yo guhanga imirimo mishya 250 000 buri mwaka, no kongera ibyoherezwa mu mahanga bitari ibicuruzwa rusanzwe rwohereza, birimo ibikomoka ku buhinzi bw’imbuto n’imboga, bikava kuri miliyari 1,4 z’amadolari ya Amerika bikagera kuri miliyari 3,2 z’amadolari mu gihe cy’imyaka itanu.

Ati: “Muharanire kugira intego nini kandi mutinyuke. Turifuza ko ibigo bito n’ibiciriritse byaguka, maze muzagere ku rwego rwo kuba abaherwe, Natwe turi hano kugira ngo tubafashe kubigeraho. Icyakora tuzi neza ko kugera kuri izi ntego bifitanye isano rya hafi n’iterambere ry’ibihugu

KOMEZA KU RUP.10

Kigali: Abacuruzi bato ba EAC basabwe kugira intego nini

IBIKURIKIRA URUP.9



Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva Justin yeretswe ibikoresho bitandukanye bishingiye ku ikoranabuhanga rikonjesha

duturanye, ubukungu bwacu buruzuzanya kandi amasoko yacu aruzuzanya. Turushaho gutera imbere iyo duteraniye hamwe tugafatanya.

Agaruka ku kamaro k'iryo murika, yasobanuye ko kuva mu mwaka wa 1999, iri murikagurisha ryabaye urubuga rukomeye rufasha ba rwiyemezamirimo bo mu Karere kumenya amasoko mashya no kubaka imikoranire mu bucuruzi. Avuga ko kuba uyu mwaka ryitabiriwe n'abamurika ibicuruzwa n'ibikorwa byabo 1 500 baturutse mu bihugu byo mu Karere ndetse no ku mugabane wa Afurika muri rusange, bigaragaza akamaro gakomeye rikomeje kugira.

Bigaragaza neza umusaruro wifuzwa w'uko kwishyira hamwe kw'Akarere byatanga. Akomeza agira ati: "Uwo musaruro ufasha kongera amahirwe mu bukungu ku baturage bacu, ibigo bito n'ibiciriritse ni inkingi z'ubukungu bwacu. Bitanga akazi ku baturage, bigateza imbere udushya kandi bigafungura amarembo y'amahirwe, cyane cyane ku bagore n'urubyiruko, bafite intego n'icyerekezo bigenda birushaho kwaguka muri iyi Si irushaho kwihuta."

Hari ibisubizo ku mbogamizi z'abacuruzi

Minisitiri w'Intebe akomoje ku mbogamizi zigihari mu bigo bimwe muri ibi biracyahura n'imbogamizi zitandukanye, zirimo kubona inguzanyo ku nyungu zihanitse, kubona amasoko n'abaguzi bahoraho, ndetse no kugeza ibicuruzwa ku masoko yo mu bindi bihugu ku giciro kiri hejuru n'ibindi.

Naho mu rwego rwo gukemura izi mbogamizi, asanga bizashoboka binyuze muri gahunda y'ukwishyira hamwe kw'Akarere, bigatuma ba rwiyemezamirimo bo mu gihugu icyo ari cyo cyose kigize Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba akwiye kuba ashobora kubona umukiriya mu kindi gihugu, kubona ibikoresho fatizo akeneye mu karere no kugeza ibicuruzwa bye ku masoko anyuranye nta mbogamizi izo ari zo zose.

Akomeza agira ati: "Intego zacu ntizigomba kugarukira ku Muryango wa Afurika y'Iburasirazuba gusa. Kuba uyu munsi dufite n'abahagarariye Isoko Rusange rya Afurika (AfCFTA) n'Umuryango w'Iterambere ry'Afurika y'Amajyepfo (SADC), biratwibutsa ko amahirwe y'ibigo byacu ari mu isoko rinini cyane rya Afurika yose. Kugira ngo ibyo bishoboke, tugomba gukemura imbogamizi zituma amasoko yacu adakorana neza."

Mu bisubizo bya bimwe muri ibyo bibazo, yavuze ko bisaba gukuraho inzitizi zitari iz'amahoro ku bicuruzwa, koroshya uburyo bwo gucisha ibicuruzwa kuri za gasutamo. Kunoza ubwikorezi n'imicungire y'ibikorwa byo kugeza ibicuruzwa ku masoko, no kwagura uburyo bwo kubona inguzanyo zigenewe ubucuruzi bwambukiranya imipaka n'ibindi.

Ku bikorwa remezo by'ubucuruzi, yavuze ko icy'ingenzi ari ibikorwa remezo by'ubucuruzi bugezweho. Ikoranabuhanga n'ubucuruzi bukorerwa kuri murandasi kuko ari bimwe bishobora gufasha ibigo biciriritse, ibito n'ibito cyane kugera ku bakiriya bari kure y'amasoko asanzwe bikoreramo.

Byongeye kandi, uburyo bwo kwishyurana bukorana, harimo na Sisitemu Nyafurika yo Kwishyurana no Guhererekanya Amafaranga (PAPSS), bushobora gutuma ubwishyu bwambukiranya imipaka bwihuta, buhenduka kandi bukorohera benshi kubugeraho.

Iyi ni yo mpamvu y'insanganyamatsiko y'uyu mwaka igira iti: "Guteza imbere iminyururu y'inyongeragaciro mu Karere mu nzego z'uruhu n'ibikomoka ku buhinzi bw'imbuto n'imboga. Ubushobozi dukeneye kugira ngo tubigereho burahari mu Karere kacu. Icyo dusabwa ni ukubuhuza kugira ngo tubashe kubyaza umusaruro amahirwe menshi no guteza imbere inyongeragaciro zishingiye ku byo dukora."

Yibukije amahirwe ari mu rwego rw'ubuhinzi bw'imbuto n'imboga, ati: "Amahirwe ntagarukira ku guhinga no gusarura gusa. Harimo no kubika umusaruro, ibikorwa remezo byo gukonjesha no kubika ibicuruzwa ku bukonje bukwiye, gupfunyika, gutunganya umusaruro no kuwugeza ku masoko.

Yakomeje agira ati: "Mu rwego rw'ibikomoka ku mpu tugomba kureba ibirenze kohereza mu mahanga impu n'ibikomoka ku matungo bidatunganyijwe. Tugomba kubaka ubushobozi bwo gutunganya impu no gukora inkweto n'ibindi bicuruzwa bishobora guhangana ku masoko manini."

Izi nzego zombi zigaragaza ko inyungu nyinshi ziboneka iyo ibihugu byacu bikoranye. Abahinzi bo mu gihugu kimwe bashobora kugeza umusaruro wabo ku nganda zitunganya ibicuruzwa mu kindi gihugu.

Abakora ibicuruzwa bashobora kubona ibikoresho fatizo, ikoranabuhanga na serivisi mu masoko yo mu bihugu duturanye. Ibigo by'ubucuruzi na byo bishobora gukoresha imiyoboro y'ubwikorezi n'iy'itangwa ry'ibicuruzwa ihuriweho n'Akarere kugira ngo bigere ku bakiriya hirya no hino ku mugabane wa Afurika ndetse no hanze yawo.

Ubu ni bwo buryo bwo kubaka inganda zifite ubushobozi bwo guhangana ku masoko no kugumana igice kinini cy'inyongeragaciro ituruka ku mutungo kamere wacu.

Ku ishoramari ry'u Rwanda, yabwiye abacuruzi bo mu Karere ko mu Rwanda, harimo gushorwa imari kugira ngo ibi bishoboke. Ati: "Turimo guteza imbere inganda zikorera mu duce twahariwe inganda n'ahantu hagenewe ishoramari ryihariye, gushimangira imikoranire hagati y'abahinzi n'abatunganya umusaruro, no kubaka ibikorwa remezo bifasha kugeza ibicuruzwa ku masoko. Muri ibyo harimo Kigali Logistics Platform n'isoko rigezweho rigurishirizwamo ibicuruzwa byinshi by'ubuhinzi bw'imbuto n'imboga."

Minisitiri w'Intebe yashimangiye ko iri murikagurisha ryitezweho kurushaho kwagurira amahirwe abacuruzi mu isoko rya Afurika y'Iburasirazuba. Yashishikarije abikorera kubona amasoko y'ibihugu bya Afurika y'Iburasirazuba nk'isoko rimwe rishobora gutanga umusaruro ukomeye cyane igihe habayeho ubufatanye.

U Rwanda rugiye gutanga urushinge rurinda VIH/SIDA mu gihe cy'amezi 6

KAMALIZA Agnes

Guhera ku ya 1 Ukuboza 2026, u Rwanda ruzatangira ibikorwa byo gutanga inshinge zikingira abantu kwandura virusi itera SIDA (VIH/SIDA) mu gihe cy'amezi atandatu.

Ikigo cy'Igihugu cy'Ubuzima (RBC) cyavuze ko urwo rukingo rw'amezi atandatu rwitwa Lenacapavir Yeztugo, ruzatangwa ku bigo nderabuzima 12 byatoranyijwe mu Gihugu hose hanizihizwa Umunsi Mpuzamahanga wo Kurwanya SIDA.

Umukozi wa RBC ushinzwe gukumira virusi itera SIDA mu bafite ibyago byo kwandura, Dr.Zephanie Nzeyimana, yabwiye ikinyamakuru The New Times ko uyu muti wageze mu Rwanda ku wa 3 Ugushyingo 2026, kandi uzatangwa ku buntu ukanunganira ubundi buryo busanzwe bukoreshwa mu kwirinda kwandura VIH/SIDA.

Ku ikubitiro uru rukingo ruzahabwa abakora uburaya, abatinganyi, abantu bashakanye n'abanduye iyi Virusi ariko bo batayifite cyangwa abakundana n'abayanduye.

Dr. Nzeyimana yavuze ko urukingo ruzajya rutangwa ku buntu hatitawe ku bushobozi cyangwa amikoro y'uwifuza kuruterwa; nubwo hari izindi serivisi z'ubuvuzi zijyana no kuruhabwa zishobora kwishyurwa hakurikijwe ubwishingizi umuntu afite nka Mituweli cyangwa ubundi busanzwe bukoreshwa.

Yagize ati: "Lenacapavir izatangwa n'ibinini bya PrEP bifatwa buri munsi bizakomeza gutangwa ndetse n'urundi rushinge rwitwa Cabotegravir. Ariko abazahabwa Lenacapavir bazatoranywa hashingiwe ku byago bafite byo kwandura; nk'abakora uburaya, abaryamana n'abo bahuje ibitsina n'abashakanye n'abanduye virusi itera SIDA."

Ibigo nderabuzima 12 bizatangirwaho Lenacapivir mu Rwanda

Mu cyiciro cya mbere, Lenacapavir izatangirwa mu Ntara zose uko ari enye n'Umujyi wa Kigali.

Mu Mujyi wa Kigali, hatoranyijwe ibigo nderabuzima birimo icya Remera na Kacyiru, mu Karere ka Gasabo, Kabusunzu muri Nyarugenge na Gikondo muri Kicukiro.

Mu Ntara y'Iburasirazuba, ruzatangirwa ku bigo nderabuzima bya Mukarange na Nyamata.

Mu Ntara y'Iburengerazuba, ibigo nderabuzima byatoranyijwe ni Rubengera na Gisenyi.

Mu Ntara y'Amajyaruguru, urukingo ruzahabwa ibigo nderabuzima bya Muhoza, (Ruhengeri) na Kinigi, mu gihe mu Ntara y'Amajyepfo, ibigo byatoranyijwe ari icya Gitarama na Rango.



U Rwanda rurateganya gutanga urushinge rurinda VIH/SIDA guhera mu Ukuboza 2026

Gutangira gutanga urukingo rwa Lenacapavir bije mu gihe u Rwanda rukomeje kwagura serivisi zo kuvura no kwita ku bafite virusi itera SIDA; aho imibare ya 2025 ya RBC igaragaza ko umubare w'abantu bose bafite iyo virusi mu Rwanda mu bagera ku 234 000, ariko igipimo cy'ubwandu mu Banyarwanda bafite hagati y'imyaka 15 na 49 cyamanutse kikagera kuri 2,2% kivuye kuri 2,7% mu myaka yashize.

Mu bagore bafite hagati y'imyaka 15-49 ubwandu buri kuri 2,8%, mu gihe mu abagabo bafite hagati y'imyaka 15-49 ubwandu buri kuri 1,5%.

Mu gutanga urukingo rwa Lenacapavir, u Rwanda ruzaba rukurikiye ibindi bihugu byarutangiye byo muri Afurika y'i Burasirazuba nka Kenya na Uganda.

Nyabihu: Kwiherera ku gasozi byagabanyutseho 3,6% mu myaka 5



Ubwiherero bwujuje ibipimo buba busakaye, bukinze kandi bupfundikiye

NYIRANEZA Judith

Mu Karere ka Nyabihu mu gihe cy'imyaka 5, binyuze mu bukangurambaga, kwiherera ku gasozi byagabanyutseho 3,6%, kuko Ubushakashatsi bwa 7 ku Mibereho n'Ubuzima bwakozwe mu 2025 (DHS 7) mu Turere tugize Intara y'Iburengerazuba, bwagaragaje ko mu 2019/2020 abihereraga ku gasozi bari ku gipimo cya 6.5% kigera kuri 2.9% mu 2025.

Abatuye mu Murenge wa Jenda babigaragaje ubwo, abaturage bo mu Kagari ka Bukinanyana muri uwo Murenge, bahuriye mu nteko y'abaturage, aho Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR) cyabatangarije ibyavuye mu Bushakashatsi bwa Karindwi ku Mibereho n'Ubuzima (DHS7)

Hagaragajwe ibipimo bijyanye n'ubuzima bw'umubyeyi n'umwana, isuku n'isukura, imirire, imibanire, imiterere ya virusi itera SIDA n'ibindi.

Umwe mu baturage bo mu Murenge wa Jenda, Akagali ka Bukinanyana, Umudugudu wa Nsakira, Mukankundiye Esperance yavuze ko mu gace batuyemo, gucukura ubwiherero bigora kubera amakoro.

Yagize ati: "Hari ingo zimwe usanga nta bwiherero zifite, biherera mu mirima, mu bihuru, mu mashyamba. Usanga akenshi kujya mu mirima hari ababifata nko gufumbira, kuko ngo bituma babona umusaruro mwiza."

Ku rundi ruhande avuga ko nta cyiza cyabyo kuko uwo mwanda ushobora gutera indwara, by'umwihariko zigira ingaruka ku mikurire y'abana.

Ati: "Ntibikwiye kwiherera mu mirima kuko iyo myanda iba imvano y'indwara zirimo inzoka zo mu nda, akenshi ugasanga abana bato bakurijemo kugira ibibazo by'imirire mibi ntibakure neza, kubera izo nzoka zo mu nda, hari abarwara impiswi. Ibyo byose bibangamira imikurire y'umwana kandi bishobora no guteza indwara abantu bakuru nka kolera n'izindi ndwara zikwirakwizwa n'amasazi aba yagiye kuri iyo myanda."

Kabera Joseph we yavuze ko kubera ubukangurambaga, abantu bagenda bacika ku kwiherera mu gasozi, ndetse abaturage bagira uruhare mu kubakira bagenzi babo ubwiherero bwujuje ibisabwa.

Yagize ati: "Ngereranyije mu myaka ishize nko mu 2010, abari bafite imisarane bari mbarwa, hari ubwo bwuzuraga ukabona nta kwihutira gucukura ubundi. Kuri ubu kubera ubukangurambaga bagiye bubaka ubundi ndetse abadafite ubushobozi bagafashwa na bagenzi babo bakabubakira ubundi.

Umuyobozi w'agateganyo w'Akarere ka Nyabihu, Mugiraneza David yavuze ko ingo zose zidafite ubwiherero zashyizwe ku rutonde kugira ngo hubakwe ubwiherero bwujuje ibipimo.

Yagize ati: "Kwiherera ku gasozi biterwa no kutagira ubwiherero. Ingo zose zidafite ubwiherero twazishyize mu mihigo muri uyu mwaka kugira ngo hubakwe ubwiherero bwujuje ibipimo. Iyo umuntu afite ubwiherero bwiza ntiyajya kwiherera ku gasozi, byose bituruka ku baturage bamwe na bamwe badafite ubwujuje ibipimo, ugasanga burutwa nuko yajya hanze.

Icyo dushaka ni uko abadafite ubwiherero n'abafite ubutujuje ibipimo, muri uyu mwaka twabashyize mu mihigo y'Akarere, abo baturage bose bazaba bafite ubwiherero bwujuje ibipimo. Yavuze ko ku rwego rw'Akarere ka Nyabihu, abadafite ubwiherero bari hejuru ya 100."

Uturere tw'Intara y'Iburengerazuba, mu kutagira ubwiherero bwujuje ibipimo hakurikiraho Akarere ka Rutsiro kari gafite 5,3% mu 2019/2020 kagera kuri 2.9% mu 2025, Akarere ka Karongi kavuye kuri 4,6% mu 2029/2020 kagera kuri 0,7%.

Ni mu gihe, hari Uturere abadafite ubwiherero biherera ku gasozi umubare wazamutse, Akarere ka Rubavu kari gafite abiherera ku gasozi 0,8% mu 2019/2020, hanyuma birazamuka bigera kuri 3,0% mu 2025. Gakurikirwa n'Akarere ka Ngororero kari kuri 1,1% mu 2019/2020 kageze kuri 2.1% mu 2025, Akarere ka Rusizi kari kuri 0,6% mu 2019/2020 kageze kuri 3,1% mu 2025 hakaza Akarere ka Nyamasheke kavuye kuri 0,1 mu 2029/2020 kagera kuri 0,5% mu 2025.

Intara y'Iburengerazuba yari ifite abiherera ku gasozi 2,5% mu 2019/2020 bageze kuri 1,9% mu 2025, mu gihe ku rwego rw'igihugu abihereraga ku gasozi bari kuri 2.6% mu 2019/2020 bageze kuri 1,7% mu 2025.

Iburengerazuba: Ngororero ihohoterwa rikorerwa abagabo ryazamutseho 19,1%

NYIRANEZA Judith

Ubushakashatsi bwa Karindwi ku Mibereho n'Ubuzima bw'Abaturage (DHS 7) bwatangajwe n'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR) bwagaragaje ko ihohoterwa rikorerwa abagabo mu ngo mu Karere ka Ngororero mu myaka itanu ryazamutseho 19,1% kuko mu bushakashatsi bwakozwe mu 2019/2020, abagabo bahohotewe bari 4,0% barazamuka bagera kuri 23,1% mu 2025.



Ihohoterwa rikorewa abagabo mu Karere ka Ngororero ryazamutseho 19,1%

Ibi bipimo byagaragajwe ubwo hamurikwaga ibyavuye mu Bushakashatsi wa 7 ku Mibereho n'Ubuzima bw'Abaturage mu Ntara y'Iburengerazuba, igikorwa cyabereye mu Karere ka Rubavu, aho byagaragaye ko hari bimwe mu bipimo byazamutse bikeneye kugabanyuka hakaba n'ibyamanutse bikeneye kuzamuka.

Mu 2014/2015, ubwo bushakashatsi bwagaragaje ko mu Karere ka Ngororero, abagabo bangana na 16,5% ari bo bahuye n'ihohoterwa, riragabanyuka cyane rigera kuri 4,0% mu 2019/2020 hanyuma rizamukaho 19,1% mu 2025 kuko ryatumbagiye rigera kuri 23,1%.

Guverineri w'Intara y'Iburengerazuba, Ntibitura Jean Bosco yavuze ko byatewe n'impamvu zitandukanye harimo kuba abagabo bararushijeho gusobanukirwa bagatanga amakuru kimwe no kuba abagore baritiranyije uburenganzira n'ubwuzuzanye.

Yagize ati: "Nta muntu n'umwe wemerewe guhohotera undi, yaba umugore, yaba umugabo, yaba ababyeyi bahohotera abana, ni ngombwa ko tumanuka tugakangurira abaturage bacu ko kizira rwose guhohotera uwo ari we wese.

Ntabwo mvuga ko byiyongereye kubera ko abagore wenda bagize amahane kurushaho, ahubwo bishobora kuba ari uko abagabo batangiye kubigaragaza, [.....] ubu amakuru arihuta, bityo ikitaramenyekanaga kera ubu bikaba bimenyekana ntitwavuga ko kera bitabagaho, ariko muri make, nta muntu n'umwe ukwiye guhohotera undi, yaba umugabo cyangwa umugore."

Akarere ka Karongi mu Ntara y'Iburengerazuba ni ko kagaragayemo kuba harabaye igabanyuka ry'ihohoterwa ku bagabo aho mu bushakashatsi bwa DHS 7 bwakozwe mu 2014/2015, abagabo bahohotewe bari 34,5% naho mu 2019/2020 baragabanyutse bagera kuri 31,7% hanyuma mu 2025 bagera kuri 15,2%.

Mu Ntara y'Iburengerazuba, abagabo bahohoterwa ku kigero cyo hejuru ni abo mu Karere ka Rubavu kuko mu 2025, ubushakashatsi bwagaragaje ko bari 39,2% bavuye kuri 31,6% mu 2019/2020 na 16,4% mu 2014/2015.

Ku rwego rw'Igihugu kandi abagabo bahohotewe hagiye habamo impinduka kuko mu 2014/2025 abahohotewe bari 19,8%, mu 2019/2020 baragabanyutse bagera kuri 18,3% mu 2025 barazamutse bagera kuri 23,2%.

Mu gukemura ikibazo cy'ihohotera, ubuyobozi bwijeje ko bugiye kurushaho kumanuka bukegera abaturage, hakongerwa imbaraga mu bukangurambaga no guhindura imyumvire.

Uturere 3 twagenewe miliyari 7 Frw yo kurwanya amapfa

TWAGIRA Wilson

Abafite ibikorwa by'ubuhinzi bakorera muri tumwe mu Turere dutatu tw'u Rwanda dukunze kwibasirwa n'amapfa bagiye kubona ubufasha bushya bwa miliyari zisaga 7 z'amafaranga y'u Rwanda buzabafasha kuziba icyuho cy'amapfa mu gihe imvura itaguye neza, ndetse n'ibihe by'izuba bikamara igihe kirekire.

Ni umushinga mugari ufite agaciro ka miliyoni 35 z'amadorali ya Amerika (ni ukuvuga miliyari zisaga 51 z'amafaranga y'u Rwanda) yemejwe n'Inama y'Ubutegetsi y'Ikigega Adaptation Fund. Muri iyo nkunga yemejwe, miliyoni 4,97 z'amadolari ya Amerika ni yo yagenewe u Rwanda, ari yo ahwanye na miliyari 7 z'amafaranga y'u Rwanda.



Uturere dutatu tw'u Rwanda dukunze kwibasirwa n'amapfa tugiye kubona ubufasha bwa miliyari zisaga 7 Frw

Raporo y'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Iterambere (UNDP) ivuga ko iyo nkunga igamije gushyigikira abahinzi bato bo mu Turere twa Kayonza, Gatsibo na Nyagatare mu Ntara y'Iburasirazuba.

Izindi miliyoni 30 z'amadolari ya Amerika yitezwe ko zizifashishwa mu gushyigikira umushinga ukorera mu Karere ka Afurika y'Iburasirazuba ugamije gufasha imiryango yorora amatungo n'ikorera ubuhinzi n'ubworozi mu bice byo mu Karere nka Kenya, Ethiopia na Somalia.

KOMEZA KU RUP.14

Uturere 3 twagenewe miliyari 7 Frw yo kurwanya amapfa

IBIKURIKIRA URUP.13

Iyi gahunda iri mu mushinga mugari wo guhangana n'imihindagurikire y'ibihe wemejwe n'Inama y'Ubutegetsi y'Ikigega Mpuzamahanga Gishinzwe Guhuza Ibihugu n'Imihindagurikire y'Ibihe, ugizwe n'ibikorwa bibiri bizashyirwa mu bikorwa mu Rwanda no mu bihugu byo mu ihembe rya Afurika.

Ibi bikurikiye kwemezwa kw'inkunga igamije kongerera abaturage ubushobozi bwo guhangana n'imihindagurikire y'ibihe no kurinda imibereho yabo ishingiye ku buhinzi.

Iyi nkunga ije mu gihe ibihe bikomeza guhindagurika mu buryo butunguranye bikabangamira igihembwe cy'ihinga, umusaruro w'ibihingwa ndetse n'umutekano w'ibiribwa mu bice bimwe na bimwe by'ibihugu biharanira guteza imbere ubuhinzi butanga umusaruro.

Inyungu y'abahinzi muri uwo mushinga

Mu Rwanda, uyu mushinga uzashyirwa mu bikorwa na UNDP ku bufatanye na Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi. Uzafasha abahinzi bato bo muri utwo Turere kubona amakuru y'ikirere ajyanye n'aho batuye, guteza imbere ubuhinzi bujyanye n'imihindagurikire y'ibihe, gukoresha ikoranabuhanga n'ubundi buryo bugezweho mu buhinzi, ndetse no kunoza serivisi z'ubujyanama mu by'ubuhinzi.

Ibi bikorwa biteganyijwe gufasha abahinzi gufata ibyemezo bishingiye ku makuru ahamye ku gihe cyo gutera imyaka, uko bayitaho n'ibindi bikorwa by'ubuhinzi. Bizanabafasha kugabanya igihombo giterwa n'imihindagurikire y'ibihe itunguranye.

Uyu mushinga uzakorana bya hafi n'amakoperative y'abahinzi, ubuyobozi bw'Inzego z'ibanze n'imiryango nterankunga ikorerana n'abaturage, hagamijwe kubongerera ubushobozi bwo kumenya ibibazo biterwa n'imihindagurikire y'ibihe no kugira uruhare mu gushaka ibisubizo.

Abahinzi bato 10 000 bazungukira muri uwo mushinga

Nkuko biteganyijwe muri uwo mushinga, nibura, abahinzi bato babarirwa mu 10 000 bazagerwaho n'inyungu zawo ukazafasha kurinda imibereho y'abaturage bo mu cyaro, kongera gahunda yo kwihaza mu biribwa no kubaka ubushobozi burambye bwo guhangana n'imihindagurikire y'ibihe.

Impamvu hatoranyijwe utwo Turere dutatu

Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi, Kamana Olivier yatangaje ko uyu mushinga uzibanda ku bice byagiye bigira ibibazo bikomeye biterwa n'imihindagurikire y'ibihe mu myaka itanu ishize.

Yagize ati: "Muri utu Turere, umushinga uzashyirwa mu bikorwa mu Mirenge ikunze kwibasirwa n'imihindagurikire y'ibihe. Mu myaka itanu ishize, iyo Mirenge yagiye igira ibibazo bikomeye biterwa n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe, ari na yo mpamvu yatoranyijwe muri uyu mushinga."

Utu Turere dutatu ni tumwe mu duce tw'ingenzi mu musaruro w'ubuhinzi mu Rwanda, ariko amapfa ahora agaruka n'imvura igwa mu buryo budasanzwe byagiye bibangamira ibikorwa by'ubuhinzi.

Mu mwaka wa 2025, igihe kirekire cy'izuba ryinshi cyibasiye Akarere ka Kayonza cyatumye imyaka yangirika, bituma ingo zibarirwa mu bihumbi zishingira ku nkunga y'ibiribwa zahabwaga n'abantu batandukanye kugira ngo zibashe kubaho.

Abaturage 97 951 bo mu miryango isaga 23 000 bahawe inkunga y'ibiribwa mu Mirenge ya Ndego, Rwinkwavu, Kabare na Mwili, yari mu yibasiwe cyane n'amapfa.

Ibibazo bisa n'ibyo byagaragaye no mu Turere twa Gatsibo na Nyagatare, aho abahinzi bahuye n'itinda ry'imvura ndetse no kudahuza kw'ibihe by'ihinga n'igihe imvura yagombaga kugwira.

Abahinzi bavuga igihombo batewe n'amapfa

Uzamukunda Marguerite, utuye mu Murenge wa Kiramuruzi mu Karere ka Gatsibo, yavuze ko igihe kirekire cy'izuba cyabangamiye ibikorwa by'ubuhinzi, bigatuma zimwe mu ngo zihura n'igihombo cy'imyaka.

Yagize ati: "Mu mezi atandatu ashize, ntitwabonye imvura ihagije. Kuva muri Gicurasi kugeza mu Kwakira uyu mwaka, twagize izuba ryinshi ridasanzwe. Mu gihembwe cy'imvura cyari giteganyijwe kuva muri Nzeri kugeza mu Kuboza, imvura yatinze kugwa. Hari imiryango imwe n'imwe imyaka yangiritse."

Naho Tugirinshuti Evariste, Perezida w'Ihuriro ry'Amakoperative y'Abahinzi b'Ibigori mu Rwanda, yavuze ko ihindagurika ry'uburyo imvura ryagize ingaruka ku bahinzi b'ibigori, cyane cyane abari barahinze imbuto bategereje ko imvura isanzwe igwa muri Nzeri.

Yagize ati: "Ibihe byarahindutse. Twari tumenyereye ko imvura itangira kugwa mu ntangiriro za Nzeri, ariko hari abahinzi batangiye kuyibona hagati mu Kwakira. Imbuto z'ibigori zari zaratewe muri Nzeri zagize ikibazo cyo kumera, bituma abahinzi bahura n'igihombo."

Yavuze ko abahinzi bahuye n'ibibazo nk'ibyo no mu gihembwe cy'ihinga cyabanje, ubwo imvura yahagararaga mbere y'igihe yari yitezwe.

Ati: "Umwaka ushize muri iki gihembwe, imvura yatangiye kugwa kare, ariko iza guhagarara mbere y'igihe, bigira ingaruka ku bahinzi mu gihe ibigori byari bikirimo gukura. Nkubu uyu mwaka imvura yaratinze, bigira ingaruka ku bari barahinze kare. Hari abahinzi bamaze ibyumweru bibiri babona imvura inshuro imwe gusa, mu gihe abandi ari bwo bagitangira gutera imyaka. Ariko turacyafite icyizere ku mezi ari imbere, igihe imvura itazahagarara hakiri kare."

Ikigo cy'Igihugu cy'Iteganyagihe cyari cyaratangaje ko igihe imvura yo muri Nzeri kugeza mu Kuboza izatangirira kizaba gitandukanye bitewe n'ahantu mu gihugu.

Mu iteganyagihe ryacyo, cyavuze ko imvura yari iteganyijwe gutangira kugwa hagati y'Itariki ya 6 na 13 Ukwakira mu Karere ka Kirehe ndetse no mu bice bisigaye by'Uturere twa Ngoma na Kayonza.

Izindi gahunda zo kongera ubushobozi bwo guhangana n'imihindagurikire y'ibihe

Inkunga yagenewe u Rwanda iri mu bikorwa binini by'Ikigega Mpuzamahanga Gishinzwe Guhuza Ibihugu n'Imihindagurikire y'Ibihe, bigamije kongerera ubushobozi abaturage bibasirwa cyane n'ingaruka zikomeye z'imihindagurikire y'ibihe.

Umushinga wa kabiri ufite agaciro ka miliyoni 30 z'amadolari ya Amerika uzibanda ku baturage borora amatungo n'abakora ubuhinzi n'ubworozi mu gace ka Mandera Triangle, gahuriramo imbibi z'ibihugu bya Kenya, Ethiopia na Somalia.

Abaturage bo muri aka Karere bahura n'amapfa ahora agaruka, imyuzure, kwimurwa n'ibiza ndetse no kugorwa no kubona amazi n'inzuri zigenda ziba nke.

Uyu mushinga uzashyirwa mu bikorwa ku bufatanye na za Guverinoma z'ibi bihugu bitatu, Umuryango uhuza ibihugu byo mu Karere ka Afurika y'Iburasirazuba n'ihembe rya Afurika (IGAD) ndetse na UNDP.

Ukazibanda ku kongera ubushobozi bw'abaturage bwo gutahura hakiri kare ibiza, kunoza imicungire y'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe hagati y'ibihugu bihana imbibi, gusana inzuri zangiritse no gushyigikira ibikorwa bijyanye n'imibereho myiza ishobora guhangana n'imihindagurikire y'ibihe.

Uzanafasha abagore n'abaturage borora amatungo kubona andi mahirwe yo kwiteza imbere no kwinjiza amafaranga.

Mikko Ollikainen, Umuyobozi w'Ikigega Mpuzamahanga Gishinzwe Guhuza Ibihugu n'Imihindagurikire y'Ibihe, yavuze ko abaturage bibasirwa n'imihindagurikire y'ibihe bagomba gushyigikirwa kugira ngo bagire uruhare rufatika mu gushaka ibisubizo by'ibibazo bahura na byo.

Yagize ati: "Abaturage bo mu gace ka Mandera Triangle no mu Turere two mu Rwanda dukunze kwibasirwa n'amapfa basanzwe bahura n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe, kandi biteguye kugira uruhare mu kuyihanganira no gushaka ibisubizo byayo."

Yakomeje agira ati: "Iyi mishinga mishya iterwa inkunga n'Ikigega Mpuzamahanga Gishinzwe Guhuza Ibihugu n'Imihindagurikire y'Ibihe igamije kunoza uburyo abaturage babona amakuru y'ikirere, kurinda imyaka n'amatungo yabo ndetse no kongera umutekano w'ibiribwa mu bihugu bihana imbibi."

Inkunga igenerwa imihindagurikire y'ibihe iracyari hasi

Radhika Dave, Umuyobozi w'agateganyo ushinzwe ibikorwa byo guhangana n'imihindagurikire y'ibihe no kubaka sosiyete zifite ubushobozi bwo kwihanganira ingaruka zabyo muri UNDP, yavuze ko amafaranga atangwa mu mishinga yo guhangana n'imihindagurikire y'ibihe akiri make cyane ugereranyije n'akenewe, cyane cyane ku baturage n'inzego zikorera ziba ahakunze kwibasirwa n'ibibazo by'amapfa.

Yagize ati: "Inkunga y'amafaranga yo guhangana n'imihindagurikire y'ibihe iracyari hasi cyane ugereranyije n'ibikenewe mu bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere, cyane cyane ku nzego z'ibanze n'ibigo bikorera mu bice byibasiwe cyane n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe."

Ikigega Mpuzamahanga Gishinzwe Guhuza Ibihugu n'Imihindagurikire y'Ibihe gitera inkunga imishinga yo guhangana n'imihindagurikire y'ibihe mu bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere, cyane cyane ibihugu n'abaturage bibasirwa cyane n'ingaruka zayo.

IMVAHO NSHYA

Umujyi wa Kigali wafunze inyubako 10 hagamijwe kwirinda inkongi z'umuriro

Umujyi wa Kigali watangaje ko inyubako 10 zitujuje ibisabwa mu kwirinda inkongi z'umuriro zarafunzwe guhera ku wa Gatanu tariki ya 6 Ugushyingo 2026, saa moya z'umugoroba.

Mu itangazo yashyizwe hanze ku wa 4 Ugushyingo 2026, Umujyi wa Kigali wagaragaje ko iki cyemezo cyafashwe hashingiwe ku bugenzuzi bukomeje gukorwa ku iyubahirizwa ry'amabwiriza yo kwirinda inkongi.

Inyubako zafunzwe ni Catchup Building Gisimenti, Agakiriro ka Gatenga, Agakiriro ka Gahanga, Rwanda Foam Showroom Gikondo, KAL Plaza Gikondo, N&B Plaza Kigarama, Eden Tower Nyarugenge, Matheus House Nyarugenge, Ntaganzwa House Nyarugenge na Ndaru Arcade Nyarugenge.

Umujyi wa Kigali wasobanuye ko izi ngamba zigamije kurengera ubuzima bw'abantu n'imitungo yabo, barimo ba nyir'ibikorwa by'ubucuruzi, abakozi n'abakiliya.

Itangazo riragira riti: "Ba nyir'izi nyubako n'abazicunga, n'abandi bose ubugenzuzi bwagaragarije ibyo gukemura, barasabwa kwihutira gukemura ibibazo byagaragaye mu bijyanye no kwirinda inkongi."

Gufungwa kw'izi nyubako ni ukw'agateganyo, kuko izizuzuza ibisabwa zizemererwa kongera gufungura nyuma yo kugenzurwa.



Hatangajwe zimwe mu nzu zizafungwa zitujuje uburyo bwo kwirinda inkongi

Umujyi wa Kigali wanibukije ba nyir'inyubako bose n'abazicunga ko bafite inshingano zo guhora bazibungabunga no kubahiriza amabwiriza yo kwirinda inkongi, kugira ngo ubuzima n'umutungo by'abazituye, abazikoreramo n'abazigana birindwe.

Imibare ya Polisi y'u Rwanda igaragaza ko kuva mu 2021 kugeza mu 2025 habaye inkongi 1 380, zakomerekeyemo abantu 125, zigahitana 28, mu gihe imibare yo kugeza muri Nzeri 2026 igaragaza ko habaye izindi nkongi 418, zakomerekeyemo abantu 41, zigahitana 19.

Umusaruro wo guca ibyuma ku mutekano mu Mujyi wa Kigali

MICOMYIZA BARINDA Fidele

Polisi y'u Rwanda ivuga ko guca inzoga zitujuje ubuziranenge ndetse n'izizwi nk'ibyuma byagize uruhare mu kugabanya ibyaha by'urugomo, amakimbirane yo mu ngo n'impanuka zo mu muhanda byaterwaga n'ababinywaga, mu gihe abaturage bo mu bice by'Umujyi wa Kigali bari baribasiwe na zo bagaragaza ko bongeye kugira umutekano n'amahoro mu miryango yabo.

Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda mu Mujyi wa Kigali, CIP Wellars Gahonzire, yasobanuye ko mu gusuzuma izo nzoga harebwe ku bizigize, uburyo zakozwemo n'ubushobozi bw'abazikoze, ingaruka zigira ku buzima bw'abazinywa ndetse n'uruhare zishobora kugira mu guhungabanya umutekano.

Yagize ati: "Iyo tuvuze inzoga zitujuje ubuziranenge cyangwa ibyuma, tureba ibintu bitatu. Icya mbere ni ibizikoze, tukareba niba zarakozwe n'ababifitiye ububasha kandi zigakorwa ku gipimo gikwiye. Hakurikiraho kureba ingaruka zigira ku bazinyoye, ndetse n'ingaruka zishobora kugira ku mutekano w'igihugu."

Yavuze ko mu bihe byashize izo nzoga zagiye ziteza ibibazo birimo gupfa kw'abantu, uburwayi bukomeye, gutakaza ubushobozi bwo gukora no kudashobora gutunga imiryango nk'uko bisanzwe.

Ibyuma byari inkomoko y'ibyaha n'umutekano muke

CIP Gahonzire yavuze ko ahantu hacururizwaga kandi hakanywerwa izo nzoga hakunze kugaragara ibyaha birimo ubwicanyi, gukubita no gukomeretsa, amakimbirane mu ngo no guhungabanya ituze rusange.

Yatanze urugero rw'ikibazo cyabereye mu Murenge wa Kinyinya, mu Karere ka Gasabo, aho umugabo wari wanyoye ibyuma yishe umugore we, nyuma akaza gufatwa akavuga ko yamwishe yibwira ko ari ijyini (idayimoni).

Yagize ati: "Umuntu wazinywaga yashoboraga gukora ikintu kigaragaza ko ubumuntu bwamushizemo, akagikora bunyamaswa. Twigeze kugira ikibazo mu Murenge wa Kinyinya aho umugabo yasinze ibyuma yica umugore we, amaze gutabwa muri yombi avuga ko yicaga ijyini."

Yavuze ko ibyo binyobwa

KOMEZA KU RUP.16

Umusaruro wo guca ibyuma ku mutekano mu Mujyi wa Kigali



Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda mu Mujyi wa Kigali, CIP Wellars Gahonzire

IBIKURIKIRA URUP.15

byanajyanaga n'ibindi bikorwa by'urugomo, aho abagore n'abagabo barwanaga, hakabaho induru n'amakimbirane byatumaga abaturage batagira ituze.

Hari uduce twari twarabaye indiri y'ibyaha

CIP Gahonzire yavuze ko hari uduce two mu Mujyi wa Kigali twari twaramenyekanye kubera ibibazo byaterwaga n'ibi binyobwa, atanga urugero rw'ahazwi nko ku Isi ya Cyenda, mu Murenge wa Kimisagara.

Yavuze ko muri ako gace wasangaga hahurira abantu banywa izo nzoga, bagasinda, bagatukana, bakarwana, hakagaragaramo uburaya n'ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge.

Yagize ati: "Ku Isi ya Cyenda wasangaga izo nzoga ari nyinshi, abazinywa bagasinda, bakarwana, bagatukana, hakaba n'uburaya. Abaturage bahaturiye bakabura umutekano, kuko hanagaragaragamo ibindi biyobyabwenge, ubujura aho abantu bibaga mu duce dutandukanye bakajya kubicururiza aho ngaho."

Impanuka zo mu muhanda na zo zaragabanyutse

Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda mu Mujyi wa Kigali yavuze ko kunywa ibyuma byagiraga ingaruka no ku mutekano wo mu muhanda mu buryo bugaragara, aho abashoferi bamwe batwaraga ibinyabiziga basinze, bikaba byaratezaga impanuka zahitanaga abantu cyangwa zigakomeretsa abandi.

Yavuze ko hari abashoferi barangizaga akazi bakanywa izo nzoga aho kuruhuka, ariko nyuma bakongera gutwara ibinyabiziga, bamwe bakabasanga basinziriye kuri vola cyangwa imodoka zarenze umuhanda.

Yagize ati: "Ku makamyo wasangaga umushoferi yiriwe akora, aho gutaha ngo ajye kuruhuka akanywa, wareba ugasanga yasinziriye kuri vola cyangwa imodoka yayirengeje umuhanda."

Yagaragaje ko kuva ibyuma byacibwa, impanuka zo mu muhanda zigikomeza kubaho, ariko ko iziboneka ari impanuka zitagizwemo uruhare n'ubusinzi bukabije.

Ati: "Kuva ibyuma byacibwa, impanuka ziraba ariko ukabona ko ari impanuka koko, nta muntu wabigizemo uruhare."

Abaturage bongeye kugira amahoro mu ngo

CIP Gahonzire yavuze ko mu gihe cy'amezi agera kuri atatu bari bamaze bahangana n'ikoreshwa n'icuruzwa ry'ibi binyobwa, hagaragaye impinduka mu mibereho y'abaturage, cyane cyane mu miryango yari yarazahajwe n'ubusinzi.

Yavuze ko mu biganiro bagirana n'abaturage, hari abagaragaza ko icyemezo cyo guca ibyuma cyari cyaratinze, bitewe n'ibibazo byari byarateje mu buzima bwabo.

Yagize ati: "Iyo tuganira n'abaturage bakubwira ko uyu mwanzuro wari waratinze. Hari umugore ukubwira ati 'nongeye kuba Cherie', umugabo asigaye akorera amafaranga nanjye nkayabonaho."

Yakomeje avuga ko hari n'abaturage bagaragaza ko amakimbirane yo mu ngo yagabanutse, cyane cyane ayaterwaga no kudatanga amafaranga y'ishuri ry'abana, gutaha basinze no kutuzuza inshingano zo mu rugo.

Abacuruzi bakoresha amayeri mu guhisha ibyuma

CIP Gahonzire yavuze ko nubwo hari abacuruzi bamaze guhagarika gucuruza izo nzoga, hari abandi bagerageza gukoresha amayeri kugira ngo bakomeze ibikorwa byabo mu ibanga.

Yatanze urugero rw'umucuruzi wafashwe acuruza ibyuma abihisha mu macupa asanzwe y'amazi, ku buryo umukiriya yasabaga amazi bakamusukiramo inzoga zitujuje ubuziranenge.

Yagize ati: "Umukiriya yarazaga agasaba amazi, umucuruzi akamusukiramo icyuma akamuhereza ku buryo umuntu uri hafi aho atamenya ibyo ari byo."

Yavuze ko Polisi yabimenye ibikesha amakuru yatanzwe n'abaturage, igatumayo umupolisi wigize umukiriya, na we agasaba icyuma akagihabwa.

Ati: "Umupolisi wacu yagiye asaba na we bamuha inzoga, ubwo twahise tujya gusaka dusangayo amakarito menshi y'inzoga, turamufunga n'akabari ke karafungwa."

Yongeyeho ko ubukangurambaga bwo kwigisha abaturage ububi bw'ibi binyobwa buzakomeza, hagamijwe ko ababifite babishyikiriza inzego zibishinzwe kugira ngo bimenwe.

Yagize ati: "Ntabwo abantu bose bahindukira rimwe. Abafite izo nzoga turacyababwira ngo bazizane tuzijye kuzimena. Hari n'abakizifite kugeza ubu, ariko uzanga kumva ibyo tumubwira tuzamufunga. Uzazituzanira akavuga ati 'ngizi nari narazihishe', tuzajya tuzimena."

Yihanangirije abacuruzi bakomeje kwica amabwiriza, cyane cyane abafungirwa utubari inzego z'umutekano zamara kuhava bakongera kudufungura.

Urubyiruko rukwiye gutegura ejo hazaza hakiri kare

CIP Gahonzire yasabye urubyiruko kwirinda ibiyobyabwenge n'ubusinzi, avuga ko imyaka y'ubuto ari yo igomba gukoreshwa mu kwitegura ejo hazaza.

Yavuze ko umuntu wifuza kuzaba umubyeyi mwiza, umuyobozi wubashywe cyangwa umuturage ugira uruhare mu iterambere ry'igihugu agomba gutangira kubyitegura akiri muto.

Yagize ati: "Niba uteganya kuzaba umugabo mwiza w'icyubahiro, ukorera Igihugu, ugatera imbere n'umuryango wawe, ukagira n'amasaziro meza, ntabwo uzabitegura ugeze ku myaka 50. Ni ibintu bitegurwa kare ukiri muto."

Yakomeje agira ati: "Niba mu myaka yawe yo gukora cyane uri kuyisimbuza kwinywera no kujya mu kabari, ya myaka y'ubukure uzayigeramo utagifite imbaraga zo gukora kandi ukeneye kubaho neza."

Kigali: Hatewe ibiti 2 238 ku buso bwa hegitari 8

TWAGIRA Wilson

Mu rwego rwo kurengera ibidukikije, kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima no guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe, mu Mudugudu wa Nyabigugu, mu Kagari ka Murinja, Umurenge wa Gahanga, Akarere ka Kicukiro mu Mujyi wa Kigali, hatewe ingemwe z'ibiti 2 238 ku buso bwa hegitari umunani.



Abaturage bafatanyije n'inzego z'ubuyobozi gutera ibiti bisaga 2 200

Iki gikorwa cyabaye ku wa Gatandatu tarikki ya 7 Ugushyingo 2026, mu muganda udasanzwe wo gutangiza igihembwe cyo gutera ibiti n'amashyamba cya 2026–2027.

Ni igikorwa cyateguwe n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Amashyamba (RFA), ku bufatanye na Minisiteri y'Ibidukikije, cyitabirwa n'abaturage basaga 5 000 bo mu tugari dutandukanye tw'Umurenge wa Gahanga, inzego z'umutekano n'abandi bafatanyabikorwa.

Iki gikorwa cyari gifite insanganyamatsiko igira iti: "Igiti cyanjye, umurage wanjye", igamije gukangurira abaturage kugira uruhare mu gutera ibiti, kubibungabunga no kubiraga abazabakomokaho.

Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Ibidukikije, Fidèle Bingwa, witabiriye iki gikorwa agafatanya n'abaturage gutera ibiti, yashimangiye ko gutera ibiti ari intambwe nziza, ariko abwira abaturage ko kubikurikirana kugeza bikuze ari byo bituma bigira akamaro.

Yagize ati: "Mugomba gukomera kuri wa murage ukubiye mu nsanganyamatsiko igira iti 'Igiti cyanjye, umurage wanjye', kuko ari bwo uriya mutungo kamere uzagirira akamaro ubuzima bwanyu."

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Amashyamba, Concorde Nsengumuremyi, yabwiye itangazamakuru ko gutera amashyamba ari umushinga mugari uzagira uruhare mu gukemura ibibazo byugarije abaturage, by'umwihariko isuri yangizaga ubutaka bwabo.

Yagaragaje ko abaturage ari bo bagenerwabikorwa ba mbere b'ibikorwa byo kubungabunga amashyamba, kuko bibafasha kurengera ubutaka, kubona umwuka mwiza no kubungabunga ibidukikije muri rusange.

Yasabye abaturage kugira uruhare mu kurinda ibiti byatewe no gukumira ibikorwa byose bishobora kubyangiza.

Nsengiyumva Innocent, utuye mu Kagari ka Murinja, Umurenge wa Gahanga, yavuze ko we n'umuryango we biyemeje kugira uruhare mu kurinda ibiti byatewe, kuko bitezeho inyungu zitandukanye zirimo gufata ubutaka, kugabanya isuri no gufasha mu kubungabunga ibidukikije.

Yavuze ko amashyamba anafasha mu kubungabunga imvura no kurwanya ibyonnyi byangiza imyaka, bityo ko atazemera ko hari umuntu wangiza ibiti abireba.

Yagize ati: "Njye n'umuryango wanjye twiyemeje umuhigo w'uko ibyo twagezeho nta wabisenya tureba."

Mu bwoko bw'ibiti byatewe mu Kagari ka Murinja, gaherereye hafi y'igishanga cy'umugezi wa Nyabarongo, harimo Imisave, Umuhumuro, Jacaranda, Umugote, Umufu n'ibindi.

Ibi biti bifite uruhare mu gutaka no kongera ubwiza bw'imisozi, cyane cyane ihanamye, ndetse no gufasha mu kubungabunga ubutaka n'ibidukikije.

Iki gikorwa ni kimwe mu bikorwa bigamije kongera ubuso buteyeho amashyamba mu Rwanda, guteza imbere imikoreshereze irambye y'umutungo kamere no kubaka ubushobozi bw'abaturage mu guhangana n'imihindagurikire y'ibihe.

Abagenzuzi bize bitezweho kubaka ubugenzuzi bufite ireme mu Rwanda



Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta, Mukashyaka Claudette, avuga ko kubaka ubushobozi bw'abagenzuzi bizabafasha kunoza ubugenzuzi

TWAGIRA Wilson

Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta, Mukashyaka Claudette, avuga ko kubaka ubushobozi bw'abagenzuzi mu rwego rwo kubafasha gukomeza kwiga no gukorana neza n'abafatanyabikorwa biri mu bizafasha kugira ubugenzuzi bunoze kandi bufite ireme, bimwe mu bizamworohereza kuzuza neza inshingano nshya yahawe.

Ibyo yabitangarije i Kigali ku wa 2 Ugushyingo 2026, hari mu gikorwa cyijyanye n'ihererekenyabubasha hagati ye na mugenzi we asimbuye Kamuhire Alexis wari usanzwe ari muri izo nshingano, akaba asoje manda ye y'imyaka itanu.

Umugenzuzi w'imari ya Leta mushya Mukashyaka yahawe izo Nshingano nshya n'Umukuru w'Igihugu ku wa 27 Ukwakira 2026, nyuma yo kwakira indahiro igikorwa cyabaye ku wa 30 Ukwakira 2026 muri izo nshingano ze nshya, azaba yungirijwe na Kubwimana Gratien.

Akimara gukora ihererekanyabubasha na mugenzi we, Mukashyaka yagarutse ku ngamba n'ibikenewe kugira ngo abagenzuzi batange umusaruro ukenewe mu kazi.

Ati: "Abagenzuzi b'imari bakeneye gukomeza kwiga cyane, bakomeze bagire impamyabushobozi, ndetse n'ubuzobere mu byo bakora no gufasha abakozi bo muri urwo rwego gukora mu bwisanzure kuko ari bimwe mu bizabafasha gukora ubugenzuzi bufite ireme. Erega umugenzuzi udafite ubushobozi nta kintu yagufasha."

Yongeyeho ko kugira ibiganiro bihoraho byubaka n'abafatanyabikorwa batandukanye, na byo biri mu bizafasha kunoza inshingano zo kugenzura imari n'umutungo bya Leta.

Ku birebana n'imikoranire n'abafatanyabikorwa urugero nk'Inteko Ishinga Amategeko, asanga Inteko ari rumwe mu nzego zireberera ibiro by'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta yizeza imikoranire ihoraho n'Inteko Ishinga Amategeko.

Ati: "Dufite Inteko Ishinga Amategeko nk'umufatanyabikorwa utureberera, tuzakomeza gufatanya, dushake n'abandi bafatanyabikorwa benshi mu gihugu no hanze bazadufasha mu byerekeranye no kubaka ubushobozi. Ubwo bufatanye ndabizeza ko tuzabukomeza n'icyizere cyo kuzagera ku byo urwego rumwe rutegereje ku rundi."

Ibikorwa bya Leta byagenzuwe ku gipimo cya 96,4%

Kamuhire Alexis wasimbuwe na Mukashyaka, yavuze ko uru rwego rwakoze ibishoboka byose kugira ngo hakurikiranwe uko inzego zose za Leta zigenerwa ingengo y'imari ziyikoresha mu buryo bwemewe n'amategeko kandi bunoze.

Yagaragaje ko mu byagezweho harimo kuzamura igipimo cy'ingengo y'imari yose hamwe n'ibikorwa bya Leta byagenzuwe, kikagera kuri 96,4% kivuye kuri 87% bagisanzeho.

Akomeza agira ati: "Nta handi hantu nzi babashije kugera kuri iki kigero kijyanye n'uwo muhigo wacu, mu gihe nari maze muri izi nshingano zo kugenzura imari n'umutungo bya Leta. Uru rwego rwakoze raporo 1 318 zagize akamaro gakomeye ku mari y'Igihugu cyacu."

Izo raporo zirimo 1 210 zijyanye no kubahiriza amategeko y'imicungire y'umutungo n'imari, 76 zijyanye n'ubushakashatsi bwimbitse bugaragaza ikibazo aho gihererereye ndetse bugatanga n'igisubizo, ndetse n'izindi 32 zigaragaza uburyo ikoranabuhanga rihagaze.

Umutekano urambye ushingira ku kubahiriza uburenganzira bwa muntu - Col. Rutaremara



Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu cy'Amahoro (Rwanda Peace Academy – RPA), Colonel (Rtd) Jill Rutaremara

NGABOYABAHIZI Protais

Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu cy'Amahoro (Rwanda Peace Academy – RPA), Colonel (Rtd) Jill Rutaremara asanga ubufatanye n'imikoranire hagati y'abasirikare, abapolisi n'abasivili ari ingenzi mu kubahiriza uburenganzira bwa muntu no kunoza ibikorwa byo kubungabunga amahoro.

Yabigarutseho ku wa 2 Ugushyingo 2026, ubwo yafunguraga amahugurwa yahuje abagera kuri 28 barimo abasirikare, abapolisi n'abasivili, agamije kongerera ubushobozi abakozi b'izo nzego mu gushyira mu bikorwa amategeko mpuzamahanga arengera uburenganzira bwa muntu. Amahugurwa abera mu Ishuri Rikuru ry'Amahoro ry'u Rwanda, riherereye mu Karere ka Musanze, azamara iminsi itanu, yasojwe ku wa 6 Ugushyingo 2026.

Ni icyiciro cya gatatu cy'aya mahugurwa, cyateguwe ku bufatanye bwa RPA, Ibiro by'Umuryango w'Abibumbye bishinzwe Uburenganzira bwa Muntu mu Rwanda n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Bana (UNICEF).

Intego ni ukongerera abitabiriye ubumenyi n'ubushobozi bwo gushyira mu bikorwa Amategeko Mpuzamahanga Agenga Uburenganzira bwa Muntu, Amategeko Mpuzamahanga Agenga Intambara n'amahame arengera abana, haba mu bikorwa byo kubungabunga amahoro no mu nshingano zabo za buri munsi.

Col. (Rtd) Jill Rutaremara yavuze ko kubahiriza uburenganzira bwa muntu ari inshingano ihuriweho n'abasirikare, abapolisi n'abasivili, bityo ko buri cyiciro gikwiye gukorana n'ikindi kugira ngo ibikorwa byo kubungabunga amahoro bigerweho neza.

Yagize ati: "Kugira ngo ibi byiciro bitatu bikore neza kandi bisohoze inshingano zabyo, ni ngombwa gushimangira imikoranire, ubufatanye, guhanahana amakuru no kuzuzanya hagati yabyo."

Yasobanuye ko kubaha agaciro ka muntu no gufata abantu mu buryo buboneye bigomba kuba umusingi w'igenamigambi n'ishyirwa mu bikorwa ry'ibikorwa byose byo kubungabunga amahoro.

Ibi bijyana no kuba abashinzwe umutekano bagomba kurinda ubuzima bw'abaturage, ariko bakirinda ko mu kurangiza inshingano zabo bahungabanya uburenganzira bw'abo bashinzwe kurinda.

Lieutenant Colonel Umuhoza Marie Chantal, wo mu Ngabo z'u Rwanda, avuga ko aya mahugurwa azamufasha kurushaho gusobanukirwa uko uburenganzira bwa muntu bugomba kubahirizwa mu kazi kabo, cyane cyane igihe bari mu butumwa bwo kubungabunga amahoro mu bindi bihugu.

Yagize ati: "Ingabo z'u Rwanda zikora ibikorwa byo kubungabunga amahoro mu bihugu bitandukanye. Iyo tugeze mu gihugu tugiye gukoreramo, tugomba kubahiriza uburenganzira bw'abaturage baho kuko ari uburenganzira buri muntu wese avukana. Aya mahugurwa azatwongerera ubumenyi dusanganywe, adufashe kumenya uko ubwo burenganzira burindwa mu bihe bitandukanye, haba mu ntambara cyangwa mu gihe cy'amahoro."

Avuga ko ubwo bumenyi ari ingenzi kugira ngo abashinzwe umutekano badakora inshingano zabo gusa, ahubwo banazikore bubahiriza agaciro n'uburenganzira by'abo bashinzwe kurinda.

Kizito Jean Pierre, umukozi muri Minisiteri y'Ubutabera, na we avuga ko amahugurwa nk'aya ari ingenzi mu gukomeza kubaka ubushobozi bw'inzego zitandukanye mu gukumira ihohoterwa ry'uburenganzira bwa muntu.

Yagize ati: "Uburenganzira bwa muntu bugomba kubahirizwa haba mu bihe by'umutekano muke cyangwa mu bihe by'amahoro. Aya mahugurwa azadufasha kongera ubumenyi kugira ngo dukomeze kubahiriza ubwo burenganzira no gukumira icyabuhungabanya. Kuba twese duhurijwe hamwe, abasivili, abasirikare n'abapolisi, bizadufasha kurushaho kuzuzanya mu kurangiza inshingano zacu."

Akomeza avuga ko guhugura inzego zitandukanye bidakwiye gufatwa nk'ikimenyetso cy'uko hari icyuho gihari, ahubwo ko ari uburyo bwo gukomeza gukumira ibibazo bitarabaho no kunoza imikorere.

Yagize ati: "Ntabwo kuba duhabwa aya mahugurwa bivuze ko mu Rwanda hari icyuho mu kubahiriza uburenganzira bwa muntu. Ni uburyo bwo gukomeza kubaka ubushobozi no gukumira ko ihohoterwa ryabaho, kuko kwigisha no kongera ubumenyi ari ibintu bigomba guhozaho."

Umujyanama Mukuru ku burenganzira bwa Muntu w'Umuhuzabikorwa wa Loni mu Rwanda akaba n'Umuyobozi w'Ibiro by'Umuryango w'Abibumbye bishinzwe Uburenganzira bwa Muntu mu Rwanda, Michael Ngabirano, yavuze ko kubahiriza uburenganzira bwa muntu bitagomba gufatwa nk'inzitizi ku mutekano, ahubwo ko ari byo biwubakira.

Yagize ati: "Uburenganzira bwa muntu si inzitizi ku bikorwa by'umutekano bigamije kugera ku musaruro mwiza. Ahubwo ni umusingi w'iyemerwa ry'ibikorwa by'umutekano, icyizere abaturage babigirira n'amahoro arambye."

Yagaragaje ko mu bihe by'umutekano muke, kwimurwa kw'abaturage, amakimbirane, ibyaha by'imitwe yishyize hamwe n'andi mimerere igoye, abashinzwe umutekano bashobora guhura n'ibyemezo bikomeye. Icyakora, ibyo ntibibakuriraho inshingano zo kubahiriza amategeko.

Yibukije ko gukoresha ingufu bitagomba kuba igisubizo cya mbere, ahubwo ko bigomba gukorwa ari uko bikenewe, mu rugero rukwiye kandi hubahirizwa amategeko, hagamijwe kugabanya ingaruka no kurengera ubuzima.

Yagize ati: "Mu gihe gukoresha ingufu bibaye ngombwa, abashinzwe umutekano bagomba kugabanya ibyangiza no kurengera ubuzima bw'abantu."

Yongeyeho ko kurengera abana, abafite ubumuga, abafunzwe n'abandi bashobora guhura n'ihohoterwa ryihariye bisaba kwitabwaho by'umwihariko. Umwana uhuye n'abashinzwe umutekano agomba kubanza gufatwa nk'umwana, ibyemezo bimufatirwa bigashingira ku nyungu ze zisumbuye izindi.

Ngabirano yanagaragaje ko gushyira mu bikorwa ibyifuzo u Rwanda rwahawe mu isuzuma rya kane ry'uburenganzira bwa muntu ku rwego rw'Umuryango w'Abibumbye, ryabaye muri Mutarama 2026, bisaba ko amahame mpuzamahanga ahinduka ibikorwa bifatika mu mikorere y'inzego.

Yavuze ko gukumira iyicarubozo, ifungwa rinyuranyije n'amategeko, kurengera abana no gukurikirana ibirego by'ihohoterwa bisaba abakozi bahuguwe, amabwiriza asobanutse, ubugenzuzi n'uburyo bwo kuryozwa amakosa.

Ibi bigaragaza ko kubahiriza uburenganzira bwa muntu bidatangirira mu nyandiko z'amategeko gusa, ahubwo bigaragarira mu myitwarire ya buri munsi: uko umuntu afatwa, uko afungwa, uko iperereza rikorwa n'uko ububasha bw'inzego z'umutekano bukoreshwa.

Umutekano urambye ntupimirwa gusa ku kuba nta makimbirane ahari, ahubwo no ku kuba ubuzima, agaciro n'uburenganzira bwa buri muntu birindwa. Ni yo mpamvu ubufatanye bw'inzego, ubumenyi n'imyitwarire iboneye by'abashinzwe umutekano ari ingenzi mu kubaka icyizere cy'abaturage no gukomeza amahoro.



Abitabiriye amahugurwa ku burenganzira bwa Muntu muri RPA

Kirehe: Inzu 53 z'abaturage n'amashuri 7 byangijwe n'ibiza

HITIMANA Servand

Imvura n'umuyaga byibasiye Umurenge wa Musaza wo mu Karere ka Kirehe muri iki cyumweru wasenye inzu z'abaturage 53 usenya ibyumba by'amashuri 7, igikoni n'ububiko bw'ishuri.



Umuyaga wangije ibisenge by'amashuri ku buryo bukomeye

Bamwe mu bafite inzu zatwawe n'umuyaga hari abavuga ko bari baraziritse ibisenge ariko ngo umuyaga waje ufite ubukana bwinshi, hakaba n'abandi batitaye ku kubizirika.

Mukamana Devotha yagize ati: "Inzu yanjye nazanye umuntu arayinzirikira gusa sinzi niba ari uko atayikomeje cyangwa niba ari umuyaga wari mwinshi cyane. Umuyaga waraje uterura igisenge cyose ukijugunya nko muri metero 500. Buri wese yirutse akiza amagara ku bw'amahirwe ntihagira uwo gihitana.Turashima abahise badufasha kubona aho turambika umusaya"

Karangwa Damascene we yagize ati: "Njyewe ntabwo nari naraziritse igisenge kuko hari abavugaga ko inzu y'ibiti idakunze gusenywa n'umuyaga. Gusa ibi byampaye isomo ko dukwiye kuzirika ibisenge ndetse n'abandi ndabibashishikariza."

Ubuyobozi bw'Akarere ka Kirehe butangaza ko bumaze kubarura ibyangijwe n'imvura yaguye mu ntangiriro z'iki cyumweru irimo umuyaga mwinshi yagize ingaruka zirimo kwangiriza abaturage ndetse umuyaga unibasira ibikorwa remezo by'amashuri.

Umukozi ushinzwe kurwanya Ibiza mu Karere ka Kirehe Niyonzima Fulgence yabwiye Imvaho Nshya ko mu byangiritse harimo inzu z'abaturage agera kuri 53 n'amashuri 7.

Yagize ati: "Mu ntangiriro z'iki cyumweru twagize ibiza byatewe n'umuyaga n'imvura yaguye nabi mu Murenge wa Musaza usenyera abaturage ndetse unagurukana ibisenge by'amashuri. Kugeza ubu tumaze kubarura inzu z'abaturage 53 zangiritse aho inyinshi ibisenge byagiye bitwarwa n'umuyaga, hakaba kandi ibyumba by'amashuri 7 na byo byasambutse."

Akomeza avuga ko nyuma y'ibi biza ikihutiwe ari ugufasha abaturage bagizweho ingaruka nabyo mu kubona aho bikinga babifashijwemo n'abaturanyi, hatangira n'ibikorwa byo gusana amwe mu nzu byashobokaga mu gihe abandi nabo bari gushakirwa icyabafasha mu kongera gutunganya inzu zabo.

Asaba kandi abaturage kudakerensa inama bagirwa zo kuzirika ibisenge kandi neza kuko iyo bidakozwe biri mu byorohereza umuyaga kubasakamburira.

Ati: "Ubukangurambaga burakorwa kandi turabukomeza, aho dusaba abaturage kuzirika ibisenge kandi neza. Hari ukuzirika ibisenge ariko bigakorwa bitari umuhango gusa, ahubwo bigakorwa neza ku buryo bitanga ubwirinzi bw'inzu ku muyaga. Abatabifiteho ubumenyi buhagije bakwiye kwegera ubuyobozi bukabafasha kuberekera uko inzu zikwiye kuzirikwa ku buryo duhangana n'ibi biza"

Uretse mu Murenge wa Musaza uyu muyaga wanageze mu yindi Mirenge ituranye na wo gusa ho ntiwagira ibyo wangiza mu buryo bukabije.

Rusizi: Umwana w'imyaka 3 yasanzwe mu cyobo yapfuye

NDOLI Sitio

Ishimwe Ange Albini w'imyaka itatu bamusanze yapfuye mu cyobo kiri munsi y'urugo rw'iwabo mu Mudugudu wa Kanombe, mu Kagari ka Burunga mu Murenge wa Gihundwe. Bamwe mu batuye muri uyu Mudugudu bavuga ko bamubuze ku mugoroba wo ku itariki 2 Ugushyingo 2026 maze bakabimenyesha ubuyobozi, bagashakisha mu gitondo ku wa Kabiri tariki ya 3 Ugushyingo 2026 baza kumubona mu cyobo cy'amazi.

Munganyinka Violette yagize ati: "Umwana twaramubuze tumenyesha ubuyobozi ariko butubwira ko twashakira ahantu haba amazi maze tubona udukweto hafi y'icyobo, nuko byagenze nyine twumiwe rwose."

Uwituje Bonifrida yunzemo ati: "Twumiwe nyine nta kundi twabigenza byadutunguye, njyewe mbimenye mu gitondo, aho nari ngiye mpise mpareka njya gushyingura."

Ndagijimana Jean Bosco Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Gihundwe asaba abaturage kuba hafi y'abana babo cyane cyane muri ibi bihe by'imvura.

Yagize ati: "Amakuru twayamenye nimugoroba, ariko bikavugwa ko ababyeyi bari babuze uwo mwana nyuma ya saa sita maze baza gushakisha babona udukweto yari yambaye hafi y'icyobo baza kureba basanga ni ho ari yitabye Imana. Umwana ni uwo kurindwa, birababaje kubona umwana w'imyaka 3 agenda wenyine atari kumwe n'ababyeyi cyangwa se abandi bamurera.



Ubuyobozi bw'Umurenge wa Gihundwe ugira inama ababyeyi kwita no gukurikirana abana

Umurambo w'uwo mwana wahise ushyingurwa mu irimbi ryo ku Gatulika muri uwo Murenge wa Gihundwe.

RDC ishyigikira gutoza ingengabitekerezo ya Jenoside urubyiruko rwa FDLR

NGABOYABAHIZI Protais

Mu gihe abagize Guverinoma ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) bazenguruka amahanga bavuga ko umutwe w'abajenosideri wa FDLR wacitse intege kuko ugizwe n'abasaza n'abakecuru, baca ruhinga nyuma bagashyigikira ibikorwa byo kwinjiza abarwanyi b'urubyiruko no kubatoza ingengabitekerezo ya Jenoside.



Bamwe mu bahoze muri FDLR batanze ubuhamya, basobanurira abayobozi batandukanye ko RDC idahwema gutoza urubyiruko ingengabitekerezo ya Jenoside

Ubuhamya bw'abahoze ari ayobozi bakuru bashya FDLR, urubyiruko n'abana binjijwe muri uwo mutwe, bashimangira ko Guverinoma ya RDC itahwemye kuba umuterankunga w'ibikorwa by'uwo mutwe birimo no kwinjiza amaraso mashya.

Abitandukanyije n'uwo mutwe bavuga ko inyigisho bahabwaga zitari izo kubategura gusa ku rugamba, ahubwo ko zari zigamije gukomeza imyumvire y'urwango n'amacakubiri, by'umwihariko ku Batutsi, no kubashishikariza kwisuganya bagamije gutera u Rwanda mu bikorwa bikomeza umugambi wo gukora Jenoside.

Bagaragaza ko iyi myumvire yakomeje kubaho no gukura kubera ubuyobozi bwa FDLR butashakaga kureka imigambi yo kurwanya u Rwanda, ariko kandi bakavuga ko uwo mutwe wakomeje kubona ubufasha bw'ibikoresho bya gisirikare, amafaranga n'amahugurwa byaturukaga mu nzego za Leta ya RDC binyuze mu ngabo zayo, FARDC.

Ibi babigarutseho ku wa 3 Ugushyingo 2026, ubwo Umuyobozi Mukuru w'umuryango Trócaire, Seán Farrell, n'abepiskopi Gatolika bo muri Ireland basuraga Ikigo cya cya Komisiyo y'Igihugu yo gusezerera no gusubiza mu Buzima Busanzwe Abari Abasirikare (RDRC), gihereereye i Mutobo mu Karere ka Musanze.

Aba bahoze ari abasirikare bakuru bavuga ko intego y'ibikorwa byabo yari ugutera u Rwanda no kwica bamwe mu Banyarwanda, mu mugambi bavuga ko wari ugamije gusubiramo ibyabaye mu 1994, ubwo Abatutsi bicwaga muri Jenoside.

Col. Demobe Wensislas Nizeyimana, wahoze ari umwe mu bayobozi ba gisirikare muri FDLR, avuga ko yagiye i Kinshasa guhura n'abayobozi bamuhaye ibikoresho yagombaga kugeza ku basirikare yari ayoboye mu Ntara ya Équateur.

Yavuze ko ibyo bikoresho byarimo imbunda, amasasu, radiyo za gisirikare, imyenda n'amafaranga, asobanura ko atari ubufasha bwigeze kuba inshuro imwe gusa.

Avuga ko banahawe telefoni zo mu bwoko bwifashisha satellite zabafashaga kuvugana bari mu mashyamba, ndetse n'ibyangombwa byabafashaga gukora ingendo mu mahanga.

Avuga ko na we yahawe pasiporo yamufashije kujya mu Budage mu bikorwa bya FDLR, ndetse n'abandi bagiye bahabwa izibafasha kujya mu Butaliyani.

Yagaragaje ko hari n'amahugurwa ya gisirikare yahabwaga abakiri urubyiruko, ku buryo asanga imikoranire hagati ya FDLR n'ingabo za RDC, FARDC, yari ikomeye.

Lt. Col (Demob) Emilien Mpakaniye, na we wahoze ari Umuyobozi muri FDLR, avuga ko ubufatanye n'ingabo za FARDC bwagaragariraga no mu bikorwa by'ubukungu n'ibyaha byakorwaga n'abagize uwo mutwe.

Yavuze ko bakoranaga mu bikorwa birimo gusoresha abaturage, gusahura inka z'Abatutsi b'Abanyekongo, guhinga urumogi, gucukura amabuye y'agaciro no kwica inzovu muri Pariki y'Ibirunga kugira ngo amahembe yazo acuruzwe.

Mpakaniye avuga ko ibyo bikorwa byinjirizaga FDLR amafaranga menshi, ariko akavuga ko inyungu nyinshi zagendaga mu mifuka y'abayobozi bayo, bigatuma batifuza ko abarwanyi bataha.

Mu buhamya bwatanzwe kandi hagaragajwe ko ibikorwa by'ubucuruzi n'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, gusoresha abaturage n'ibindi byinjizaga uwo mutwe amafaranga abarirwa muri miliyoni 25 z'amadolari ya Amerika ku mwaka.

Ibi byatumaga FDLR ikomeza kugira ubushobozi bwo kubaho no gukomeza ibikorwa byayo, mu gihe abari ku isonga ryayo batashishikazwaga no kurekura abarwanyi ngo batahe mu Rwanda.

Abahoze muri FDLR bagaragaza ko kuba uwo mutwe warakomeje kumara imyaka myinshi mu mashyamba bitatumye uhindura imyumvire wari ufite, ahubwo ko bamwe mu bayobozi bawo bakomeje gukoresha inyigisho z'urwango mu gukomeza guhuza abarwanyi ku mugambi wo gutera u Rwanda.

Kuri ubu, Ikigo cya Mutobo gifite abantu 527 bari muri gahunda yo gusubizwa mu buzimabusanzwe mu cyiciro cya 78, barimo abahoze ari abarwanyi ba FDLR bakuru 228, abana 13 bahoze ari abarwanyi, abo mu miryango yabo 144 n'abari mu nzego za gisivili za FDLR 142.

Muri abo bana 13 bahoze ari abarwanyi harimo abahungu 10 n'abakobwa batatu, babiri muri bobakaba bafite impinja zavutse biturutse ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

Abatahutse bishimira icyemezo bafashe

Abavuye mu mashyamba ya RDC ubu bishimira kuba barafashe icyemezo cyo gutahuka no kongera kubaka ubuzima mu Gihugu cyabo.

Bavuga ko nyuma yo kuva mu bikorwa by'uburwanyi, babonye ko u Rwanda rufite imiyoborere itanga amahirwe ku Banyarwanda, aho bashobora kubana no kwiteza imbere batagendeye ku mateka cyangwa aho umuntu akomoka.

Basaba abakiri mu mashyamba kureba amahirwe bafite yo gusubira mu Gihugu cyabo, bakareka intwaro n'inyigisho z'urwango, bakitabira gahunda zo gutahuka no gusubizwa mu buzima busanzwe.

Bavuga ko gukomeza kuguma mu mashyamba no gukurikira inyigisho zibashora mu ntambara bidatanga icyizere cy'ejo hazaza, mu gihe gutahuka bibaha amahirwe yo kongera guhura n'imiryango yabo no kugira uruhare mu iterambere ry'igihugu.

Perezida wa Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubiza mu Buzima Busanzwe Abari Abasirikare (RDRC), Valérie Nyirahabineza, yagaragaje ko abahoze muri FDLR bahabwaga inyigisho z'amacakubiri, aho kubategurira kubana n'abandi mu mahoro, bakigishwa kwisuganya kugira ngo bongere gutera u Rwanda.

Yagize ati: "Ubumwe, ubwiyunge n'ubudaheranwa ni ibintu byari byarahishwe abahoze mu mashyamba kubera ko mu mashyamba batigeze babigisha kuba umwe, ahubwo babigishaga kwisuganya ngo bongere gutera baze kumara Abatutsi. Gusa nshimira abakomeje kugira ubutwari bwo gutahuka bagaruka mu rwababyaye, nsaba n'abasigaye yo gutahuka."

Umuyobozi Mukuru wa Trócaire, Seán Farrell, yavuze ko Umuryango ayoboye witeguye gukorana na RDRC mu gufasha abahoze mu mitwe yitwaje intwaro guhindura ubuzima no kubana n'abandi mu mahoro, ashima aho u Rwanda rugeze mu kwiyubaka mu iterambere ndetse na gahunda nziza imaze kugerwaho mu bumwe n'ubudaheranwa bw'Abanyarwanda.

